



N°30

UMUBIKIRA WIYAMBITSE UBUSA.

IJWI RIGAMIJE GUKANGURA NO
KURENGERA RUBANDA
NYAMWINSHI.

KA02 1578

UBUSHOTORANYI BWA PL



UBUSAMBO MUHINDU YA KIGALI.
ABASIRIKARI BIRUKANWE KUBERA IYI NTA-
MBARA NABO NIBASUBWE KUKAZI KABO.

BIMENSUEL INDEPENDANT
EDITEUR : GISENYI-INFO
REDACTEUR ET DISTRIBUTION : GISENYI-INFO
B.P. 19 GISENYI, B.P. 1312 KIGALI

TÉL. 40625 — GISENYI
73586 — KIGALI
FAX : 40519 — FAX : 75408


Abonnement annuel : Rwanda : 5.000 FRW
Afrique : 12.000 FRW
Europe — Amérique — Asie : 25.000 FRW
Sur cpte BCR — 14273/14 KIGALI

Le contenu des articles engage
l'Auteur et l'Editeur

Tiré sur les presses
de l'Imprimerie Nationale du Rwanda

EDITORIAL

URU RWANDA RURAGANA HE ? KA02 1579



Abantu benshi cyane cyane rubanda rugusi yo ihora yumva ibivugwa n'abanyabwenge, dore ko iyo uvuze rubanda uhita wumva wa muturage mubisi vibera mu cyaro. Umwe abadepite bakunze kubesha ko bavugira nyamara bakabonana mu gihe cy'amatora gusa. Kugeza ubu intambara ifashe umwaka wa gatatu (1990-1991-1992) nta mudelite n'umwe urahaguruka ngo ajye kuganira n'abaturage bamutumye ngo ababwire uko barengerwa aho batigerera. Ngo abaturage bababwire itandukaniro ry'iryi ntambara n'Abatutsi.

Dore ko nababivuga bakunze kubikisha keretse abo batutsi basigaye bagaragariza imigambi yabo mu mashyaka barimo, ari naho berekanira ubufatanye bwabo n'inkotanyi bo baziyyara. Batanaretse gukoresha amafaranga dore ko inkotanyi icye kabiri cy'ayo masaranga zaguraga intwarzisigaye ziyakoresha mu midugararo imbere mu gihugu.

Bishoboka bite ko inkotanyi zaduteye zashyirwa muri Guverinoma, abaturage ntibasobanurirwe impamvu za politiki zabiteye. Yego hariho abazavuga bat: "Izo nkotanyi ni iki kizigaragaza ko nta n'urukiko byanyuzemo?". Abo nabo ntibaba bipeshye ariko abaturage cyane cyane abahulu batangajwe no kubona uvitwa KATABARWA Andereya, umututsi waketswe cyane n'abahanga mu bya politiki barimo n'abasirkari b'igihugu cyacu, agakekwa ubukotanyi, bigatuma akurwa mu Butaliyani akmurirwa mu Buyapani ngo yaba yaragororewe kujya muri Guverinoma kubera ko yahuje inkotanyi n'ubutegetsi bw'u Rwanda.

None se bishoboka bite ko umunsi wa mbere akigera muri Minisiteri yahita ahamagaza amadosiye yose y'ibyitso agambiriye kubisubiza ku kazi. Yirengagije ibibazo by'ubuku-

ngu byanatumye kenshi Leta yisuza kugabanya abakozi bayo ukagerekaho ko ibyo byitso byanashakaga kudutsema. Nyamara yabonye abamufasha kuyobora iyo Minisiteri batabisyigikiye ahitamo kujya kwihererana Guverinoma nayo yari igisite ubwoba bw'amaramuhira kubera ko byasakuzwaga ko igizwe n'ishyaka rimwe. Ubwo rero yaje kurusha intege benshi mu ba minisitiri maze abumwisha ko niba inkotanyi zirukanywe zidasubiye ku kazi ngo arahitamo kwegura. Ubwo icyo cyemezo cyo kwegura cy'ubo mu minisitiri w'umututsi nacyo cyaje gutera ubwoba abo ba minisitiri bari bakirangwa n'amaramuhira bituma Guverinoma yemewa ko ibyo byitso byasubizwa ku kazi.

Aha turashima Minisitiri Munyazesha ubwitonzi n'ubushishori yerekanye n'ubwo asa nk'aho yaterwaga ibikwasi imugongo. Ikibazo rero ni uko abandi ba Minisitiri barimo uw'Imigambi ya Leta na bake bagenzi be bibazaga aho Leta izakura amafaranga umunsi ibyo byitso byagiye kurega ko byahohotewe mu guhagarara ku kazi.

Aha twibukiranye ko intambara amafaranga menshi aharirwa intwarz, uburuzi n'uburezi. None se biriya byitso umunsi byareze Leta y'u Rwanda kuba yarabihohoteye ni nde uzahagua? Si wa muturage se uzabura inoti yo kumuvura kubera ko amafaranga yo kugura imiti azaba yahawe ibyitso byaketsweho kutugambanira. Aha ntawakwiringagiza ko n'abakozi ba Leta bari basatiwe ibyemezo byo kugabanya kubera ubukungu bw'igihugu bwari bwifashe nabi none abirukanwe nabo benshi bagizwe ibyitso. Ubwo se turagana he?

Ngaho nimwibaze Leta yari kuzabura amafaranga yo guhemba abakozi bayo mu minsi iri imbere, none akubwo irisuza kugarura n'abagambanyi. Aha bigaragara ko abanye-politiki bacu barangwa n'ubwoba n'ubuswa kandi mu nzezo nyinski. None se amahanga naduseka umunsi tuzaba twagiye gusaba amafaranga yo guhemba ibyitso tuzaruge ko badushutse? Ubutegetsu bw'igihugu biza-

bugora usibye ko twagize amahirwe tugegekwa n'umugabo w'ukuri (Munyazesha Fawusitini) wemerwa n'abanyarwanda bose tutavuze n'imiryango mpuzamahanga idutera inkunga. Ariko nave ntazirare kuko inkotanyi zifite amayeri menshi.

MDR nayo ireke gukomeza kuzubara. Nimenye ko irimo gucengwa n'abatutsi bo muri PL. Ese aho MDR yaba yibuka ko PL yo ifite utwana tw'amashyaka tuzayishyigikira nka PSR, na UDPR n'utundi abatutsi bateganya gushinga kandi ~~ntazemera~~ na rimwe kumra ibya MDR.

MDR igomba kwibuka ko hari abanyarwanda benshi bayiyobotsie bibwira ko ari PARMEHUTU izafasha MRND gutsinda inkotanyi. Usibye ko amafaranga y'Inkotanyi yatumye abayobozi ba MDR nshya bagambanira abaturage. Twibuke ko ubwo Guverinoma yemeye gusubiza ibyitso ku kazi, itazazuyaza mu kwinjiza inkotanyi mu Rwanda n'ubwo zizaba zifite imbunda. Katabarwa apfa kuzishyigikira gusa.

Inkotanyi za FPR ziyemeje gusubiza abatutsi ku butegetsi zarahiye ko zitzinzira mu ngabo z'igihugu abahutu bagitegeka. None se Katabarwa namara kuzinjiza mu gihugu abahutu tuzasubiza abatutsi ubutegets'i cyaningwa natwe tuzashyiraho ingabo zo kurengera abahutu? Icyo gihe Inkotanyi zigarnise n'imbunda mu gihugu, tuzavuga ko twatunguwe? Ubwo se abahutu bazaba bagambaniwe na nde? Aha ingabo z'u Rwanda nyabuna zirabe maso!

NGEZE Hassan.

Abagize ubwanditsi bwa Kangura:

- NGEZE Hassan
- MIRASANO Célestin
- SIMBIZI Stany
- RUBERA Papias
- ISSA Nyabyenda
- NDEKEZI Bonaparte
- HITIMANA Noël

IBIHUGU BY'IBIHANGANGE KU ISI BIMEREYE NABI LIBIYA. KA02 1580

© 1992 KANGURA

Kuva mu mpera z'ikinyejana cya 19, kugeza mu myaka ya mbere y'ikinyejana cya 20 ibihugu by'abarabu byari ku ngoyi ya gihake na gi-koronize. Ibihugu by'abarabu byazahajwe cyane n'ubwo bucakara bwabiheje mu bukene, mu bujiji no mu butindi.

Nyuma y'aho intambara ya mbere n'iya kabiri zisize iheruheru ibihugu by'i Burayi byahise byihutira gushura ibihugu by'abarabu bibyambura ubukungu bwabyo.

Kugira ngo bifatire neza ibihugu by'abarabu, ba gashakabuhake bize amayeri yo guteranya abatuye ibyo bihugu. Ibyo ariko ntibyabuji-je ibihugu by'abarabu n'ubwo bwose nta ngufu byari bifite kwhagara-raho bikoresheje intambara ntaga-tifu "Jihad".

Ba gashakabuhake babonye byabakomeranye, bahinda andi mayeri. Noneho aho gukoresha imbunda n'amawasu, bashatse uburyo bwose bwó kurwanya idini rya "Islam".

Abayisilamu bose bakaba basabwe guhuguka bakamenya icyatsi n'ururo, umwanzi n'umukunzi niba badashaka kurimburwa na Gashakabuhake. Ba gashakabuhake bamenyereye gufata abatavuga rumwe nabo nk'abanzi bagomba gutsembe byanzé bikunze.

Ibihugu by'i Burayi ubundi byacogozwaga n'uko hari ikindi gihangange kimwe nabyo, bigahangana. Icyo gihangange cyari Uburusiya. Kuva aho gisenyukiye, abanyaburayi basigaye batangazwa no kumva ikindi gihugu icyo aricyo cyose kitavuga rumwe nabyo. Abanyaburayi bazira igihugu icyo ari eyo cyose cyakwishakira uburyo bwó guke-mura ibibazo byacyo kitagombye kubyitabaza.

Muri iki gihe, ibihugu by'ibihangange ku isi byize undi mutwe wo gushyira mu bucakara ibihugu bikiri mu nzira y'amajyambere. Byahimbye icyo bise "nouvel ordre mondial". Aribyo kuvuga uburyo

bushya bwo guhahirana. Muri ubwo buryo bushya, abanyaburayi n'ibindi bihugu by'ibihangange ni-byo bitegeka maze ibihugu bikiri mu nzira y'amajyambere bikabura ijambo.

Muri ibyo bihugu bikiri mu nzira y'amajyambere bishaka kwibohoza iyo ngoyi ya gikolonize ni Libiya ihangana n'ibyo bihangange. N'ubwo bwose Libiya idafite ingufu zihagije zo guhangana n'ibyo bihugu by'ibihangange, izakomeza ihatane kuko ari uburyo bwo gutabara abakandamizwa bose.

Mu izina ry'abantu bose bahatanira uburenganzira bwabo, bakunda amahoro, ubutabera, igihugu cya Libiya kizakomeza kurwanya uburengane no kuryamira abandi. Ngombwa ko abatuye iyi si bafasha Libiya uko bashoboye kose kugira ngo isi ihabwe icyubahiro cyayo !

Ngeze Hassan.

BARIHISHA INYUMA Y'AMASHYAKA BAKEKA KO TURI KUGONA.

Ibinyamakuru bimwe bikome-je umurego wabyo wo guteranya abanyarwanda. gushaka gucamo igihugu uduse, gukwiza impuha no guca intege ingabo z'igihugu. Ariko ay'ubusa ingabo z'igihugu ntizica-eka intege, bitewe n'agatsiko k'abantu bake, mu gihe abanyarwanda abenshi bari inyuma y'ingabo z'igihugu.

Ibinyamakuru bimwe birfuriza Perezida Habyarimana (umu-hu-tu) guhunga, nyamara bikururiza Kigeli n'abe gutahukana imbunda ! None se koko bariya bantu cyane cyane abandika muri ibyo binyamakuru, ni ayahe mahoro bashakira iki gihugu ? Mu gihe bifuza ko abanyarwanda bamwe bahunga, naho abasanze bari hanze ngo batahukane imbunda ? Ibyo biratwereka rwose ko bamwe bashaka byanze bikunze kurubamo bonyine ! Ntibishoboka rero. Mwabonye ko ntacyo amatora ashobora kuzabagezaho, mudatera-

Burya umusazi arasara aka-gwa ku ijambo, ikinyamakuru Le Tribun du Peuple nacyo mu nomero yacyo ya 12 hari aho cyaguye ku ijambo, hariya cyashushanyije umugaba w'ingabo apfukamye imbere y'umwana w'Imana (ya yindi y'abanyarwanda), ubwo kandi uwo mwana ariwe Yezu yari arambuye ukuboko kwe aha umugaba w'ingabo umugisha wo gutsinda ubwami butwugarije (inkotanyi).

Cyakora hariya narabashimye, mwanze kwirirwa mwirarira, akaba ari nayo mpamvu mbasabye ko mu nomero itaha mwazibuka mugashushanyamo abagaba b'inkotanyi bapfukamye imbere ya shitani ibaha umwaku wo gutsindwa mu Mu-

tara ! Sibyo se ? Kuraguza na bya bipfumu by'ibigore, gushaka imitsindo, gutanga ngo amasunzu y'ubugabe ibyo byose ntibijyana na Satani ??!

Maze rero mu nyandiko zanjye akensi nkunze gutangirana n'utubazo, ariko nyine mba mbaza bariya bandika muri biriya binyamakuru, kandi njye umugambi wanjiye ni uwo kuvuguruza impuha. Dore nk'ubu ibyitso byari byarifuje ko mu mashuri batakongera kwigisha amateka y'u Rwanda, ngo bi-hembera inzangano daa, ubwo umugambi bari bafite n'uwo kuziman-gatanya revolisiyo ya 59 (byata-njiye kugaragara kuko bamwe babanje guhakana ko itabayeho !!), none se kandi ko mwatangiye kwigisha ayo mateka mwifashije ibinyamakuru byanyu, kandi mu-kayahera hagati, mutarataruka, ntimuhere ku itsembwa ry'abahinza b'abahutu kugeza uyu munsi

katiyusha yunamye ku baturage ba Byumba na Ruhengeri ? Imigambi mwari mwarateguye yarabapfubanye none mutangiye kuyihishura, oya rwose nimuyishyre ahagaragara ikibyimbye kimeneke ! Hehee, heeee, kari kabaye bahungu mwe kari kabaye n'ukuri iyo tutajya kuba maso twari twarimbute !!.

Haa n'urubyaro mwibandaho ko ruzi ayo mateka raa, ndetse rukaba rwaranavumbuye ayo mayere. Mwe rero mukajyaho mukayacamo kabiri muyobya uburari nk'uko mubimenyereye ! Nk'ubwo iyo abategetsi baza kwemera ieyifuzo cyanyura ? Cyo kuzimangatanya amateka y'u Rwanda, none mukaba mwartangiye gusizora mwigisha ayanyu y'ibihindugembe, mwifashisha ibinyampuha byanyu.

Banyarwanda, ngabo z'igihu-gu mukomeze kuba maso, kuko ibyitso ntibirava ku izima kimwe n'inyenzi nyine, bikomeje umugambi wabyo wo guteranya abanyarwanda no guca integre ingabo zacu, nimusome maze namwe mutekereze kuri ibi nanditse :

Ibinyamakuru bimwe birasebya, biratuka Perezida wa Repubulika nk'aho atagitegeka igihugu (ariko se ikinyabupfura mu binyamakuru oya ??), bigateranya abakiga n'abanyenduga, bigaca integre ingabo z'igihugu, byarangiza bigahema ibindi binyamakuru, maze bikikubura bigafata umwanya wabyo wo kurata no gushimagiza ubugwari n'amarorerwa ya FPR !!! Aho ibindi binyamakuru nakwita ibya rubanda nyamwinshi bijya byitegerezza uriya mutego ? Ibinyamakuru bimwe nabyo bike cyane nibyo bikomeje guhangana n'ibyitso bibyamagna kubera ubushotoranyi, ibindi binyamakuru bya rubanda nyamwinshi, byo se bite ? Byarangije gutamira inzaratsi z'ibyitso (inoti) akaba ari nayo mpamvu bimwe muri byo bifata iya mbere mugukubita mwene gahutu imijugujugu ngo biri mu mashyaka !! Mwa binyamakuru mwe mwandika ibiki mu gihe mubona ibinyamakuru bimwe bikomeza guca integre ingabo ? Binanirwa kwandika imigambi y'abanyamashyaka bafite mu kuvana iki gihugu

mu bukene, bikirirwa byiyandikira Perezida bimutuka, biririmba ngo akazu, ako kazu se ni nka kakandi umwana yasimburaga se ku bwami, ku bushefu, ku busushefu n'ubwiru no ku bupfumu ndetse !!! Birababa-je rwose kubona ikinyamakuru gisohoka cyuzuyemo ibitutsi gusa nta kindi kibereyemo ! Ese mwifusa ko Perezida ahunga kandi mwirirwa mumutuka ntakome, ubwo muke-neye umuperezida wo kuzajya abakubita ubuhiri, rero mwe ngo ibi-hugu byo hanze nibyo bibarinda. Erega n'ubundi baca umugani ngo: umutunzi w'inka amenya ko amata aryoha atakizifite ! Murandika abategetsi ngo ni akazu, ariko hagira ikinyamakuru gitunze agatoki ku byitso bitwikisha katiyusha, imiborogo ikaba yose byiriza !

Ikinyamakuru Le Tribun du Peuple cyagize agahinda kenshi nk'uko batangiye kugenda babigara-gaza mu binyamakuru byabo (abandits), maze baregura barandika babaza ngo ninde uzabazwa ibyo mu ijoro ryo ku wa 4/10/1990?

Turabizi ko icyemezo Colonel Rusatira Léonidas yafashe cyo ghagarika amamodoka yose mu Rwanda, no gutegeka abantu kuguma mu ngo zabo cyababaje cyane inkotanyi n'ibyitso byazo, kuko inyenzi zikoresha kwiyoberanya zabuze aho zimenera nugerageje kujya mu murima w'abandi guhinga bakamuhuburamo, maze zibura e-pfo na ruguru, agahinda kazifatanya n'amatasu y'inzira-bwoba, maze ziracemererwa !?.

None se uriya ko yibaza nkana (ubwo ari kwiriza) ni nde wundi uzabazwa ririya joro atari inkotanyi n'ibyitso byazo ? Ibyabaye iryo joro hari ikindi gihe byigeze biba tutaraterwa ? Ubwo kuri mwe mwasakaga ko ingabo ziryamira, maze inkotanyi n'ibyitso byazo bakaza baterura gusa bajyana aho bari bateganije ! Ubwo se inkotanyi zambaye imyenda ya gisirikari, imbere zambariyemo iya gisivile, biba ari ikinamico ? Mbese nka biriya inkotanyi zakiye zikora ko nta na kimwe mwamaganyemo ? Byose kuri mwe ni sawa !! Kuki mwirengagiza ubi-

imbangatanyi bwanyu hanyuma mukajya aho ngo: wawawawawa ??

Ku gishushanyo cyiza nabonye muri Le Tribun n° 12, handitseho amagambo make, uretse ko amwe muri yo Yezu uriya atayamwifuri-za, gusa njye nafashemo ijamborimwe gusa ririya ryo kwicuza. Mu by'ukuri ieyo mbona Perezida HABYARIMANA yakwicuza ni kimwe gusa ari nacyo ngiye kwandika muri uyu mugani :

Inzoka yari mu ishyamba inezere-we ituje, ako kanya ishyamba riba rirahiye, umuriro urayigota impande zose, ako kanya inkware yari yabonye akaga inzoka irimo iba irahageze n'uko inkware igira impuhwe, iraza yegera ya nzoka iti nkagutabara rero. Inkware itega ijosri ryayo, inzoka yizingiriraho, maze inkware irayigurukana no ku kandi gasozi ngo ba. Nyamara inzoka igiye kwizingurura ngo ite ku ijosri ry'inkware ibanza kuri-ca!!!

Ahari niho havuye wa mugani ngo ubugiraneza bw'inkware buyigonda ijosri. Namwe nimutukane musizore ariko uko biri kose ubumwe n'amahoro ni ingirakamaro.

Ndakomeza kubahakanya mwebwe banditsi ba biriya binyamakuru, iteka iyo mutanga ingero mukunze kugereranya iki gihugu cyacu ni iby'ahandi, mutitaye no ku mateka ya buri gihugu cyangwa umuco n'amoko abituye. Mutanga ingero muvuga ngo Kenya itegekwa na Perezida ukomoko mu bwoko buke, hano ndabasaba ko mugutanga ingero z'ahandi mwajya muvugisha ukuri.

Mu gihugu cya Kenya ubwoko bwinshi ni Abakikuyu, bugakurikirwa n'ubwoko bita abajaluo (Luo), ni ukuvuga ko uwabanje gutegeka Kenya ariwe Jomo Kenyatta yari Kikuyu hanyuma Oginga Odinga wari Visi Perezida akaba Luo, urumva ko amoko agizwe n'abantu benshi ariyo yategetse, nyuma ariko Oginga Odinga yaje kwigomeka kuri Jomo Kenyatta, bituma atakaza amahirwe yo kuzamusimbura, ubwo uwasimbuye Odinga ku mwanya wa Visi Perezida ariwe Daniel Arap

Moi niwe waje no kugira amahirwe yo gusimbura Jomo Kenyatta nk'uko itegeko nshina ryabo ribiteganya. Ubwo rero bongeye gutora sinzi uko byagenda bifindure nawe!

None se niba ubwoko buke nabwo bushobora gutegeka, kandi namwe bamwe mukaba muhakana ko batahunze demokarasi, mwategereje tugakiranurwa n'amatora ? Njyewe mbona rwose demokarasi igititiza bamwe, bigatuma banga gushira hasi intwaro, ngo batahuke ku neza baze kwifatanya n'abandi mu matora (rero bamwe muri gucungira kuri Rukokoma niramuka itabaye se ? Ntimuzatora ? katiyusha na Rukokoma nibyo mushakiramo ubutegets !).

Mbese ubundi kuki mutanga ingero z'ibihugu bya kure musize hafi hano ibyo duhana imbibbi ! Nabyo ko harimo bimwe bitegekwa n'ubwoko buke, aho bimwe muri byo si uko binigagura demokarasi ? Ibinymakuru byanyu biransetsa,

none se niba umunyarwanda wo hambere yarabe shywaga ngo umwami avukana imbuto, cyangwa ngo umwami atariho imyaka yarumba, ubu hari umunya-rwanda wabeshywa ko inyenzi zituzanira demokarasi ? Hari umunya-rwanda wabeshywa ko Rwigema akiraho ndetse akaba yarahindutse inkumi ? Wabeshya umunyarwanda w'ubu ngo inyenzi zimaze kuzuza ibibuga by'indege mu Mutara ? Ngo zirubaka umuhanda Cyanika-Ruhengeri n'ibindi binyoma byinshi bibaranga ? . Mushatse mwe mwarekera aho guharabikana nk'uko inkotanyi zabigenje iyo ziri muri Uganda n'ahandi mu mahanga, naho ibyitsyo byo birekere aho kuko ntiduhumbya na gato !! Nimureke kurata no kogezza inkotanyi, mugambiriye gushotorana ngo nibabatunga agatoki mwirize, ahubwo nimusabe impunzi kurambika intwaro hasi, maze zize mu mahoro zisfatanye n'abandi kubaka igihugu.

Twe iyo turirimba ngo nta gihe inyenzi zitatsinzwe, mwe birabarakaza mukavuga ngo inyenzi za mberre sizo z'ubu ! None se ko inyenzi zo muri 62 zateraga ziturutse impande eshanu zose, ariko zigakubitwa inshuro na GARDE NATIONALE, naho iz'ubu nazo ko zishyigikiwe bikomeye n'ighugu cya Uganda, zari-toje, zifite n'ibitwaro bya rutura birmo Orgue de Staline, nabwo ko inshuro yazigezeho, nk'ubwo mwi-rirwa muhakana ibiki ? Twe ntitwi-rirwa tujarajara dushakisha aho ukuri kutari, HABYARIMANA Juvenal wo muri za 62-67, niwe wo muri 1990 kugeza uyu munsi ntahinduka.

Ndangije nsaba ikinyamakuru Le Tribun du Peuple kumbeshyuza nk'uko cyamwaye kirimanganya kuri RUBERA Papias, umwanditsi w'ikinyamakuru KANGURA.

KARANGIRA Déo.

DUSHIMA NYANDIKO YA KANGURA.

Biva: ku barongoye Komite nshingwa bikorwa cya Palipehutu mu Burundi.

Igituma: Gushima inyandiko ziri muri "Kangura" n° 3 na n° 28.

Kinyamakuru "Kangura":

Haheze iminsi tubona ibinyamakuru "Kangura" i Bujumbura". Icyo kinyamakuru cyarabaye agatangaza mu gihugu cose c'u Burundi gushika aho cirukirwa no gusumba isamirizi y'u Burundi mbere yo gushika aho Leta ya Buyoya ibuza umwidengemyo, icyo kinyamakuru ngo gishigikiye Palipehutu, ariko icyo tangaza n'uko uko bakibuza ni nako eibandanya kurwira kandi abantu bakagisoma atabwoba kuko bac'umugani ngo "n'ubusa burazirwa".

Ibintu cyaje rero kuba cyiza cane aho tuboneye Kangura n°3 (version internationale). Iyo Kangura naho yashika abahutu bagowe cane, abarenga 3000 bafunzwe iyo Kangura yabaye umueto uragatangaza waje kubahumuriza nka kurya aka-na "Yezu" kaje ku Noël guhumuriza abanya Israël. Ntawaronka amajambo avuga, kuvyo iyo Kangura

yagize i Bujumbura mu bice kimwe abahutu bose iyo bava bakagera cane cane abari muri Palipehutu baruhukije mu magorwa yabo, barazikwiza hose mbere wo mu mabohero zirajayo ku buryo zagurwa amahera 1000 FBU ya marundi naho nyene agupfuye agasoni kuko hari abaca bazishira muri cadre y'amafoto kugira iyo Kangura yawe imurikira abo mu rugo.

Abatutsi bo bayibonye baciye barwara ikirungurira barapha barashika kubera ukuri babonye muri Kangura nkuko baca umugani ngo "ukuri kuraniga", naho Buyoya afise ibirwanisho iyo "Kangura" yaramukubise hasi, Surété nationale iragaruka, gusaka mu mazu bira-bandanya mu buryo wamunga bari-ko barasaba inkoko, abahutu n'abatwa baziryamako bati iyi foto y'incungu y'uburundi Rémy Gahutu twapfuma tuyirwamako. Rémy Gahutu ntutuzamwibagirwa gushika gupsa.

Kangura n°28 yareretse abahutu b'i Burundi icizere ko abahutu b'i Burundi nabi Rwanda vyante bikunde bategerezwa kumurikirwa mu vyungo no mungiro n'iviyi-

mviro vya Dr KAYIBANDA wa M.D.R. Parmehutu hamwe na Gahutu Rémy wa Palipehutu bo barwaniye agateka k'umuhutu muri Afurika yo hagati.

Ivyo vyiyumviro ni ivyo bizomara intambara y'inkotanyi mu Rwanda, bikongera bikamara akarenganyo n'agahotora n'agashinyaguro umututsi w'i Burundi agirira umuhutu. Kangura abahutu bose bago-we, abari mu gihugu turongoye, waraye ubahaye Noël nziza ya 1991. Iyo Noël bose barayishimiye "Kangura" n'abayirongoye bose.

Abarongoye Palipehutu barashima ubwo butwari bwa Kangura naho kubona ko iza iraronka bayi-hora ukuri kwayo. Ariko "Kangura" yari ibereye kubera isomo abahutu bose b'Afurika yo hagati kugira ngo muri Afurika bakureho intwaro z'agacinyizo n'ubwicanyi muri Afurika yo hagati.

"Kangura" ibe koko Ijwi rigamije gukangura no kurengera Rubanda nyamwinshi.

Bujumbura, ku wa 28 Ukuboza 1991
Président du Comité Exécutif National
PALIPEHUTU
AKIMANA François (sé)

UBUSAMBO BUKOMEJE GUHABWA INTEBE MURI BANQUE DE KIGALI.

I. Hamaze iminsi havugwa ibantu by'ubwibyi muri B.K. i Kigali. Twavuga: miliyoni 48 muri 1990, miliyoni 2,6 muri 1990 n'ejyo bundi miliyoni 5 hivanzemo TRAVEL CHEQUE... Abantu benshi baribaze, ese mama bwaba ari uburangare bw'abategetsi b'iyo Banque ? Rwose kuki ibyo bisambo bidafatwa ngo bihanwe ?

Kugeza ubu anketi zagiye zikorwa ntacyo zigeze zigeraho. Abantu rero babyibazaho byinshi, cyane cyane ko banki ifite abakozi bayiburanira.

Muri iyi nyandiko turibanda cyane cyane kuri miliyoni 5 ziherutse kwibwa. Ni umuganda duhaye abashinzwe gukora enquêtes kugira ngo bagaragaze ukuri aho kuri kuko ibyo muri B.K. bikomeje kuba urujijo n'amayo bera.

II. Akayabo ka miliyoni 5 rero zibwe muri B.K. Hari ku wa 24 Ukwakira 1991. Muti byagenze bite ?

Nkoko inyandiko zibyerekana, ayo mafaranga yibwe n'umugabo witwa Kalisa Alphonse, ariko ayo mazina akaba ari amahimbano. Ubundi amazina ye bwite ni Nshimilimana Abraham. Ni umurundi. N'ubwo yitwa ko ari impunzi, benewabo bamuzi neza baramukenga ko ari umututsi. Ni igisambo kabuhariwe ! Parike irabizi, bizwi kandi na mwenewabo ukora muri iyo banki yariye imodoka Hiace Taxi. Yewe ibigwi bye ntawabivuga ngo abiranngize muri aka kanya.

Menya gusa ko yibye ayo mafaranga nyuma y'amezi atarenga abiri avuye muri 1930, aho yaramaze imyaka 5. Yafunguwe n'imbabazi za Papa.

Ariko yifatanije n'ikindi gisambo kabuhariwe cyitwa Vénuste alias RIKORO. Uwo RIKORO rero akaba azwi ho ubuhanga bwo kwigana za "signatures". Yigeze kwiba miliyoni 10 z'amafaranga y'amabili muri BACAR, afatirwa muri LUXEMBOURG agiye kuyafata. Bamugaruye mu Rwanda arafungwa. Ni naho yamenyaniye na Nshimilimana Abraham kimwe n'uwitwa Kamanutsi (muzashaki-

she amazina ye yandi muri Parike).

Dore uko byagenze :

Nshimilimana Abraham yaje gufunguza konti muri B.K. ku izina twababwiye Kalisa Alphonse abifashijwemo na Kamanutsi (son parrain). Nta byumweru bitatu byashize baba bibye muri Service Produits impapuro bita "Bordereau d'escompte". Bakoresheje bamwe mu bakozi ba B.K. Bavanye amafaranga kuri konti ikoreshwa na Banque (Compte interne) mugutanga inguzanyo (crédit) bayashyira kuri konti y'uwitwa Kalisa Alphonse. Baka ba bari barahimbye za signatures z'abagabo 2, abitwa Ntawe Prosper na Majabo Zadok. Iyo niyo mikono iri kuri ya bordereau d'escompte. Uwo Kalisa Alphonse yafashe izi miliyoni mu byiciro 3. Umunsi wa nyuma wo kuyafata, umudamu wittwa Ngomanzungu Habiba yaramukemanze kuko yabonaga ko konti ifunguwe vuba. Muri uko kumukemance nibwo atelefonnye uwitwa Iwakana Célestin ushinzwe kubika "Pièces comptables" amubaza les rentrées du compte z'uwo mugabo Kalisa Alphonse. Muri ari kanya Rwakana ahita amubwira ko ari "opération opérée par le service Porte-feuilles" kandi ubundi kugira ngo umenye aho pièces iri bigomba kugufata wenda nk'iminota 5, airiko we yasubije "spontanément" !

Twababwiye ko yibwe ku wa 24.10.91. Kuva kuri iyo tariki, ibitabo by'igenzura (chiffriers) byo muri Service ya Porte-feuilles na Secrétariat de crédit hamwe na listing (impapuro zisohoka buri munsi muri Ordinateur) byarabuze kugeza kuri 31/10/91.

Kuri 31/10/91 niho "CHIFFRIERS" zabonetse ariko listing zo zibura burundi. Hagati aho anketi zari zaratangiye kuko B.K. yameyne ko yibwe kuri 29/10/91. Hagaritswe abakozi 9, muri bo hafungwa 8 ariko umwe akaba ariwe wamazemo igihe kirekire (iminsi 25) ni Ntawe Prosper. Akaba yararekuwe ari uko umukono we n'uwa Majabo Zadok bimaze kugaragara ko ari ibihimbanzo. (Voir Parquet). Anketi ziracyakomeza.

III. Icyo tue twibaza rero kuri ubwo bujura ari nawo Muganda twababwiye twatwerera abashinzwe gukurikirana ibyo bintu.

- Mbe izo mpapuro bakoresheje "bordereau d'escompte" zavuye muri Services Produits gute ? Ko ibyo bisambo bitari bishoboye kugera aho ziri ?
- Izo signature biganye bazibonye bate ?
- Izo listing na chiffriers byabuze bite ? Ntibigira uwubishinzwe ko listing kugeza n'ubu zitaraboneka ?
- Dusubiye inyuma tukareba ibyo madamu Ngomanzungu yagiranye na Rwakana turabona ko hari ibintu bidasobanutse !
- Mu bakozi bahagaritswe harimo abarengana n'abatarendana ushye ko ubutegetsi bwa Parquet bubyirengagiza. Mbese kuki batatata ibyo bisambo ?

Ntawakwirengagiza ibibazo igihugu cyacu gifite muri iki gihe cy'intambara cyane cyane ibireba amoko. Hashize iminsi havugwa hanzo hanze ikibazo cy'abahutu n'abatutsi muri B.K. Ku buryo ababikurikirana hafi badatinya kuvuga ko iyo ari imitwe y'ubusambo muri B.K. itegurwa n'abatutsi bagamije kuvana ku ntebe bamwe mu bategetsi ba B.K. nka Majabo Zadok na Habineza Zacharie.

Bakaba banashaka gutesha umutwe Directeur-Adjoint wa B.K. kubera ko ari mushya, ataramenya neza imikorere ya Banki dore ko umwe mubihararutswe, dore ko batagira ubwoba, yaravuze ngo Directeur ni igieucu (NAIF).

Twibuke kandi ko ibyo kwiba muri B.K. byatangiye inkotanyi ziri hafi gutera u Rwanda (vol de 18 million). Ikindi twavuga ni uko abakozi ba B.K. bari bafunzwe ari ibyitso by'inkotanyi basubijwe ku kazi, budakeye kabiri hakibwa ibo miliyoni 5.

Ibiro bishinzwe ipererezza byari bikwiye gukurikiranira hafi ibyo bintu kandi n'abategetsi ba B.K. nabo bakabihagurukira.

IMPUNZI Z'ABARUNDI ZILI I GISALI NTABWO TUMEREWE NEZA

Twahunze mu mwaka 1988. Dushikira mu buzima buruhije nk'uko bimera ku mpunzi zose. Kuva ico gihe kugeza n'ubu ubuzima ntibuhinduka. Kuba mw'ihema biragoye mu buryo butavugwa. Kumbure wahera ufile ico ukora, ari muri Leta canke ahandi, kibure wararima, canke ukaba waracuruza,... ukaba umaze igihe nk'ico atahantu na hamwe uja.

Twavaga mu masasu duhungira hano mu Rwanda igihugu tuziko gifite ibibazo bitari bike, ivy'ubutunzi, ivya politiki n'ivy'ubwiyongere bw'abaturage. Kugira ngo duhange amaso Leta y'u Rwanda kubanje mbonako ari ukurusonga. Twifuza kubona ubuhungiro nya-bwo tubikorera ubwacu kuboba babishoboye ariko ntabwo bidushobokera. Twasavye ivyangombwa biranga impunzi mu biro mpuzamahanga biraba ivy'impunzi i Kigali batubarira ngo bitangwa na Leta. Ibibazo byose tubajije ngo Leta y'u Rwanda niyo ibireba. Tubonye vyananiranye twasavye ko baduha uburyo tukabanda duhunga kugeza aho tuzabonera aho tuba navyo ngo Leta niyo yabishobora. U Rwanda rufite ikibazo cy'ubwiyongere bw'abantu, none nirwo rwo kwanka ko tuja ahoba hadukwira? Ko batubarira ngo n'u Rwanda rushaka kutugumisha ngaha rwoba ruhatugumiriza iki? Iyo nyishu iragoye kwe-mera. Leta y'u Rwanda yaba yifuza ko dupfa nabi? Niba bitagirwa nabo mu biro mpuzamahanga vy'i Kigali, bikababigirwa na Leta y'u Rwanda koko, ntabwo abategetsi b'u Rwanda bazabatahura ko tutarira ubusema? N'iki cotuma dupfira mu gihugu twavukiyemo tukongera tukamererwa nabi iyo twahungiye? Turasaba abategetsi bagize Leta y'u Rwanda ko ikibazo ca-cu bagishira mu nzira irashe kigate-rerwa umuti.

Ko nzi ko amaherezo arimwe mu muturyagumba? Raba nawe usoma kuba umuntu yahunze ari umunyeshuri akaba yabuze uko yi-ga kandi ataburyo na bumwe bubuze, ngo arakuze, ngo ntabwo yahora yiga kandi afite ivyemezo ko yari

umunyeshuri. Ubwo se muri ivyo harimwo ukuri? Amaherezo y'umuntu nkuwo mubona ari aya-he? Ibaze nawe umuntu yahora yi-ga ntamwuga n'umwe azi uretse ko yari ategereje kuzoza ahejeje kwiga nyuma ngo ntaho urangiriza kwiga! None niba tudatabawe, twebwe n'abo tuzovyara niba bizoshoboka tuzobaho gute? Ubwo azodukomo-kaho ntibazoba ibisuma canke aba-gizi ba nabi b'uburyo bunyuranye? None se ko umuntu atagitarara uwo yatabaye igihugu kizomera gute mu gihe kizoza?

Indero (éducation) ya bene gi-hugu igizwe n'abashoboye kwanka-dra abakivukamwo kazoza ka bene gihugu hakava ku ndero batijwe none akazoza, kacu n'ukureba ha-vyiruka ibisuma n'imburamukoro.

Kubona umuntu yohora yiga akaba yari asigaje imyaka ibiri canke se umwe kugira ngo arangize hu-manités hanyuma ngo birarangiye geza aho? Ubwo ivyo byoshimisha nde? Wowe usoma, iyo aza kuba wowe waba uri muri ico kibanza wakwifata gute? Ubwo niba utatse bavuga ngo utatse busema? Niba ibibazo vyacu bidahagarikwa n'abategetsi b'u Rwanda nk'uko abo mu biro mpuzamahanga bireba impunzi vy'i Kigali batubwira, turabasaba ko bakumvisha aho mur'ivo biro ko bakwiye kudufata

nk'uko bikwiye. Babumvishe ko ba-dashaka ko tuzira aho twigeza ko nabo ubwabo isi ishobora kubaze-ngurukana bakabaho nk'abandi (nkatwe). Dufite n'ibindi bitubaba-je ku buryo butagira urugero : kuba twarahanze tugasiga bamwe mubo tuva inda imwe ejo bundi mu kwezi kwa cumi nakumwe igihumbi ki-mwe magan'icenda mirongo icenda na rimwe bagatikizwa bakaba bada-fite uburyo bw'uko twabonana n'ubwoba twaracitse kw'icumu bi-tewe n'uko nta bituranga! Kuba tu-dashobora kubonana n'ab'iwacu-kandi turi impunzi mu gihugu ki-mwe tukaba twari amaraso amwe, ivyo byoba biva kuki?

Kubona twari tutakibonana na be-ne wacu bitewe n'uko bari bakiri mw'ijuru rya Buyoya ubu naho tu-gowe rumwe ntiboreka ngo tubona-ne? Mbega ko abantu bo mu bundi bwoko batabuzwa kubonana tweb-we se biva kuki? Bitebe bitebu-ke agahinda k'ubu buzima turimo ka-zadusiga habi? Aboroshe bagiye gupfa, abihangana nabo bacike aba-sazi kubera akabonge. Ab'Imana yahaye umutima utagira imbabazi nibareke abapfa bapfe. Abo yahaye gutabara no kumva amarira ya bene wabo nibatabare!

Bigiriwe i Gisali, ku wa 28 Ukuboza 1991.

NGIRIMANA Yohani Mbo.

ITANGAZO.

IBIRO NTARAMAKURU
BYIGENGA GISENYI—INFOR-
MATION biramenesha abasomyi
ba KANGURA ko nimo nshya
yasohotse ikaba ibarizwa ku Gi-
senyi — Mahoko — Kora — Muka-
mira — Ruhengeri — Gakenke —
Vunga — Kabaya — Ngororero —
Nyirangarama — Kigali — Kabuga —
Gitarama — Nyanza — Butare —
Gikongoro — Cyangugu — Buga-
rama — Kirambo — Byumba —
Kibungo — Nyagatare no ku Ki-
buye.

Musome, musomeshe
KANGURA, ikinyamakuru cyige-
nga.

BIMENYE NABYO
Ukimara gusoma iyi KANGU-
RA hita ubariza aho usanzwe uzi-
gurira KANGURA MAGAZINE —
VERSION INTERNATIONALE
kuko harimo amakuru ahuye n'ibi-
he turimo. Niba kandi ariyo ufile
mu ntoki zawe, basabe KANGURA
No 30 kuko ariyo yasohotse,
~~ntokizwe~~ ~~ntokizwe~~ ~~ntokizwe~~. Tubone-
yeho ko buri gihe hazajya hasohoka
KANGURA ebyiri : iyanditse mu
Kinyarwanda ku bumva urwo ruli-
mi, n'izajya yandikwa mu Gifaransa
no mu zindi ndimi kugira ngo abu-
mva izo ndimi babashe kumenya
ibibera mu Rwanda no mu Burundi
ndetse na Zayire. Ngaho rero nimu-
sabe KANGURA zanyu. Igiciro ni
cy a kindi : 100 FRW.

UBWO ABATUTSI BATANGIYE GUSUBIRANAMO AKABO NONEHO UBANZA KAGIYE GUSHOBOKA.

Ntawe uyobewe ko iyi ntambara yo mu Rwanda yateguve n'abatutsi bose bo muri Afurika yo hagati, bifuza gusubiza gahutu ku ngoyi n'ikiboko. Ubihakana azegere MU SEVENI amubaze impamvu agishyigikira inyenzi-ntutsi zifusa ko abahutu bo mu Rwanda basubiranamo. Noneho muri iryo subiranamo abatutsi bakaboneraho umwanya wo gufata ubutegetsi mu Rwanda. Ugishidikanya ko iyi ntambara yo mu Rwanda itateguve n'abatutsi bo muri Afurika yo hagati azajye kubaza impamvu ubutegetsi bwa BUYOYA bukomeje guhotora abahutu benshi.

Abahutu baturiye ibiyaga bigar (Rwanda, Zaire, Burundi) bamaze gutahura buriya buriganya bw'abatutsi. Niyo mpamvu mu nama yabahuriye i Mbandaka ho muri Zaire ba Perezida ba biriya bihugu bashizeho inama ishinzwe kugarura umutekano muri aka karere ubu wa hungabanyijwe n'abatutsi! Twi-

zeye ko iriya nama izasubiza abatutsi mu myanya yabo. Kuko bitumviana ukuntu abantu abatutsi 15% bahungabanya umutekano w'abahutu 84% umwaka wose ukarangira!

Muri iyi ntambara abatutsi benshi bo mu Rwanda bayiteguye-ho. Abari bayigizemo uruhari rukomeye barafashwe barafungwa. Hashize iminsi mike bagirwa abere batabikiye kandi batanabishaka. Bariya birabura ku mutima bagizwe abere ku mubiri bakimara gufungurwa bagarukanye imigambi yo gushyigikira inyenzi ntutsi. Abazi gusoma mwarabyisomeye mu binyamakuru byose by'abatutsi.

Ntibyahagarariye aho kuko bariya batutsi bafunguwe bashakisha za gerenade zo kwica abategetsi n'abasirikari bacu. Ni muri urwo rwego abagogwe bitwa MUHEKE-RA na RUDODO batumaga abana ngo bajye kubibira za gerenade mu

basirikari kuri za pozisiyo zo kuri Nkamira no mu Bigogwe ho muri komine Mutura. Ngo bariya batutsi gerenade imwe bayiguraga 5.000 Frw. Aho bavumburiwe inzego zishinzwe umutekano zabashikirije ubucamanza. Twizeye ko muri ru-riya rubanza amategeko azubahiriza.

Ariko abatutsi bose siko bifuza ko abahutu basubizwa ku ngoyi. Kuko le 16/12/1991 mu nama ya MRND yabereye ku Kabari muri Komine Mutura abagogwe baboneyeho umwanya wo kwamagana kumugaragaro abanyamakuru b'abatutsi babesha ngo abagogwe barashize. Abo bagogwe nabo bamaganye ibyitso by'inyenzi-ntutsi. Aho nari nibereye navuze nti noneho ubwo abatutsi batangiye gusubiranamo ubanza akabo kagiye gushoboka.

RUBERA Papias.

AGATINZE KAZOZA N'AMENYO YA RUGURU.

Hano iwacu mu Burundi natwe twoba tugije kugende ku mashaka menshi, ejobundi Perezida wacu P. BUYOYA yaraye avumeye ko agiye kwemera imigambwe myinshi, twizigiye ko yabivuze ashimittse kandi abikute k'umushaha, twizigiye ko atazobigira nko muri Nyakanga 1991; aho yavuga ngo yemeye Politike y'imigambwe myinshi ariko akanka gushira isinye kw'itegeko nshingiro ngo akaggi kateguye iryo tegeko nshingiro kongere gasubire mu banyagihugu ngo kumve iryo abanyagihugu bagona, nyamara kandi ako kagwi kari kamaze amezi akabakaba atandatu kariko kumviriza iryo abanyagihugu bagona, aho bashi kirije iryo tegeko nshingiro Perezida BUYOYA akaryanka bongeye basubira mu banyagihugu ariko kandi inyishu ninkayayindi ya mbere ngo turashaka Politike y'imigambwe myinshi. Gako akatize none karaje, kandi iyo umwana ameze amenyo ya ruguru aba agiye kurya, bahutu namwe nimwiteguri-re ubutegetsi.

Twizeye ko, Perezida wacu yaraye ashitse ku ico yagombaga, ico s'ikindi, jewe mbona ko yari yanse kwemera imigambwe myinshi atari yashitsa umugambi wiwe, wo kumbura kugandangurano guhonya abahutu, none abonye ko amaze kugandagura igitigiri c'abahutu kitazwi ati: noneho ndemeye icese. Poli i y'amashyaka menshi, kuko ariko azo ko n'ubuhutu busigaye ari bwambunde bahonyore, ati: nzobukangisha ko nzanye Politike y'amashyaka menshi na bwa bumwe bwiwe yagize nk'umucoro imbere y'abanyagihugu.

Barundi, Barundikazi namwe rwaruka, igihe kirashitse ko, twikurako intwaro y'agahotoro n'agacinyizo, muramenye ntimuze mugwe murudubi nkarumwe Rwagasore yadutayemo, aho yaduhendesha akarimi keza ngo : nimunkurikire sinzobota mu urudubi; uretse ko na-we izo nyanka Burundi zaciye zimugandagura simbizi neza ko, naho yari kudukorera nk'ivyo bene wabo

badukoreye, ico nagira ndabibutse, nuko tugomba kumenya ko igihe kigeze co kwikura inkoho n'imbigita ku gakanu.

Dore amakungu yagumye yumviriza amagogwa n'amarira y'abanyafurika bagumya kurira no kuganya, none bemeje Afrika yose kuzana demokarasi y'ukuri, muramenye rero ntimuze mwirangareko, muzi imyaka myinshi abahutu twicwa buri munsi, ntimuze rero mwibagirwe umugambwe wanyu Palipehutu; Nihaze imigambwe myisnhi havuyemo n'umwe abarundi tuzihitiremo uwukuri, ntaco Buyoya agumya guhishahisha twe-se 'urazi ko ikituraje ishinga ari iki-bazo c'umuhutu n'umututsi.

Aho bigeze rero Buyoya nave ibuzimu aje ibuntu yumveko, iyo ariyo gwara u Burundi burwaye, nibashire iyo gwara ahabona, bashikirize amakungu adufashe kuyironke-ra umuti; naho nakomeza ikinyoma ciwe ngo n'ubumwe n'amahoro vyo

kumunwa gusa twese. Ariko Abatutsi bagize abahutu ibijuju ko, bama batubesha kubamenya, kandi nabo nyene barabizi, babirengako bazi ko batugiriye nabi cane, canke bibwirako hamwe abahutu babategeka nabo, babagirira nk'ivyo abbagiriye ! Muhumure abahutu turi babi mumaso ariko ntituri babi ku mutima nkamwe, ariko kandi ntimugumye kuba banyamwongera ikibi ku kindi.

BUYOYA rero namugira inama yo kugumya ya nama yarugabo yari yigiriye, yo kubonana na Dr. KARATASI Etienne Perezida wa PALIPEHUTU, bakaja inama n'ingingo hakiri kare, kuko ntakundi vyamera abahutu bagomba gu-tsinda vyanse bikunze; kandi n'mwe Batutsi, ingeri ni nyinshi z'uko abahutu nabo bagomba gusubirana igihugu mwabagunze, imyaka irenga magana ane mudutegeka

ni myinshi cane gwose mushatse re-ro mwotanga imihoho hakiri kare.

Nitugire PALIPEHUTU na Perezida wayo.

Umusomyi wa Kangura
Gitega ku wa 11 Nzero 1992.

BARUTWANAYO Venant.

Nta muhutu uzoherenzwa muri Kaminuza igihe Cyubahiro azaba akiyobora amashuri makuru.

Amashuri makuru niyo soko iha igihugu impuguke zo gukemura ibibazo byose igihugu gihura nabyo. Ni nayo mpamvu mu bihugu byinshi ubuyobozi bw'amashuri makuru bakunda kubuha abantu bahera-heje mu buhangana. Nyamara mu Rwanda siko bimeze. Aha umuntu akaba yakwibaza niba u Rwanda ari nta dogiteri rufite cyangwa se ni ugushaka kudindiza uburezi mu Rwanda babizi neza kandi babishaka.

Dore nawe bagufatiye uruhinja Cyubahiro baruhaye kuyobora amashuri makuru n'ubushakashatsi kandi narwo rutari rwarangiza kwiga. Kandi ruriya ruhinja mu bushakashatsi rutarigeze kwerekana ko rushaka kwifatanya n'ibihangange mu bwenge mu gushakira umuti ibibazo byinshi u Rwanda ruhura nabyo. Ubwo se noneho Cyubahiro hari uwakwizera ko hari ieyo yazamarira ubushakashatsi mu Rwanda.

Kandi muri ibi bihe bikomeye ariho twari dukeneye ubushakashatsi bw'abahanga b'abanyarwanda. Ubwo se umushakashatsi uzibwiriza agashakashakira umuti wa bame mu bibazo u Rwanda ruhura nabyo aho Cyubahiro azemera kumushyigikira ?

Si Cyubahiro bibeshyeho gusa mu buyobozi bw'amashuri makuru mu Rwanda. Ntabwo ngamije guse-sengura ukuntu amashuri makuru mu Rwanda yose yahawe abayobozi ahanini batayakwiye, ahubwo ndiyugira ibibazo bya Kaminuza y'u Rwanda. Bagufatiye umugaboo

Ntahobari Maurice bagoragoje mu mirimo myinshi ikamunanira maze aba ari we uhabwa ubuyobozi buku-ru bwa Kaminuza y'u Rwanda. Ese bajya guhitamo uriya mugabo wize gusa icyiciro eya kabiri muri kaminuza koko bari babuze abadogiteri babishoboye.

Kuba ubuyobozi bw'amashuri makuru n'ubwa Kaminuza y'u Rwanda barabihaye abantu bafite amashuri magufi kandi batabisho-boye bidindiza cyane imigendekere myiza y'amashuri makuru mu Rwanda. Kuba Cyubahiro adasho-boye kandi adashaka kuyobora amashuri makuru mu Rwanda ntabwo ari ikibazo gikomeye cyane kuko abensi mu bategetsi b'u Rwanda bagabiwe imyanya bada-kwiye. Ikibabaje ni uko Cyubahiro mu bushobozi buke afite akorera abatutsi gusa nkaho aribo batuye u Rwanda bonyine. Kuko aho abereye Minisitiri ku banyarwanda ijana babonye buruse 98% ari abatutsi. Ubwo se Cyubahiro ashinzwe uburere bw'abatutsi gusa cyangwa ubw'abanyarwanda bose. Abatutsi bahanze bwengen abahutu kuva kera ariko muri ibi bihe ntabwo dushoboye kwihanganira ririya vangura rikorwa ku mugragaro. Ndetse niyo mpamvu dus-

bye ubutegetsi bw'u Rwanda kuvugurura Ubuyobozi bw'amashuri makuru, igihuru kitarabyara igihunyira. Kuko gusumbanya abana b'u Rwanda mu burere aribwo buryo bwa mbere bukomeye bwo kudindiza ubwoko. Yewe koko umushyira mu kirambi akagukura mu mbere.

Ndetse ngo n'umugore we ngo yari amushakiye aho azaminuriza. Sibyo gusa ngo yari agiye no kwikorerera umutungo muke iriya Minisitiri ashinzwe ifite. Bityo ngo abone uko ajya gufatanya n'inkotanyi kudtera, yitwikiriye kujya kwiga. Iyo ibukuru bataba maso Cyubahiro yari abaye muri Afurika umuntu waretse kuba umuminisitiri agahitamo kuba umunyeshuri. Ese ubundi bamugiraga Minisitiri atara-rangiza kwiga hari habuze abaranjige ibyiciro byose bya kaminuza ? Ese mama n'ubwo amashuri aryoha, ugushaka kwiga kwa Cyubahiro kwari ugukunda kwiga cyangwa ugukunda gukotana. Igihe cyose azaba atari yambuka inyanja, kuko buruse yakomeje kuyizigamira twizeye ko azashaka akanya ko kwisobanura imbere y'abaturage.

Hitimana Noël
Kangura.

ITANGAZO.

Ubwanditsi bwa KANGURA burasaba Abahutu bose bo ku isi kunganira lkinyamakuru cyabo bayohereza ibitekerez byabo kuri adresse basanzwe bazi (Journal KANGURA B.P. 1312 Kigali – Rwanda) cyangwa kuri FAX No 0025075408.

AMAKURU ANYURANYE

UBUSHOTORANYI BWA P.L.

Nkuko mubizi Inkotanyi zizya gutera zabanje kugambana maze Ibyitso byazo byangiza imodoka zo-se za gisirikari ku buryo intambara yatangiye u Rwanda nta modoka rufite zo gutwara INGABO ku rugamba. Gusa Imana y'i Rwanda ya-je gutuma ONATRACOM itiza Ingabo amabisi ngo aye abafasha muri byose mu bikenerwa ku ru-gamba.

Ibyo rero byaje guca intege inkotanyi n'ibyitso byazo ku buryo zahisemo kwiga andi mayeri nayo amaze kugerwaho n'ibyitso. Ayo mayeri nta yandi usibye ko mu myigaragambyo abayoboke ba P.L. bagomba gukora uko bashoboye bagatwika za BUS za ONATRACOM cyangwa bakazimena ibrahuri, bataretse no kuzipfumura amapine. Ngabo z'ighugu rero umutego umwanzi yabateze mwawumenye, ahasigaye ni ahanyu.

Ku masezerano yabo buracya haraba imyigaragambyo, inkotanyi zigomba kudutera !

UMUBIKIRA WIYAMBITSE UBUSA

Umubikira witwa Thérèse Mukabacondo akaba Directrice w'ishuri ry'abakobwa i Kibeho akabije gutoteza abahutu, baba abarimu, baba abanyeshuri. Uwo mututsikazi wo mu bwoko bw'abami, aho yabayehose yaranzwe no kwanga no kunena uwo badahije ubwoko. Ibyo byemezwa n'ababikira, abapadiri n'abanyeshuri babanaga mu Byimana.

Aho agereye i Kibeho yaciye ibantu. Dore nk'ubu yagufatiye abanyeshurikazi b'abatutsi n'abrimu bahuje ubwoko, ababumbira mu muryango ngo wo kujya bahura bagasenga bakanarimba. Iby'ubo muryango rero byaje kuba urujiro, aho muri iceyo kigo hamanikiwe amatangazo amenyesha abawurimo ko hateganyijwe misa yo gusabira Rwigema wari umaze umwaka apfuye. Bene gutumirwa mu misa bayigiyemo koko maze bagezembo batera indirimbo z'abapfuye. Aho misa irangiriye Mukabacondo n'abatumirwa be bakoze umunsi mukuru ukaze bararya baranywa karahava.

Ibyo byaje kurakaza abanye-shuri benshi b'abahutu bazi ibyago yi ntambara yabateye. Bagize ngo barabaza bagenzi babo b'abatutsi iceyo izo misa n'ivo misi mikuru bi-gamije abandi babasubiza bababwira ko ingoma y'abahutu igomba kurangirana n'uyu mwaka. Nyuma y'aho Mukabacondo yaje gukoresha iterabwoba abwira abanyeshurikazi b'abahutu ko uwo azongera kumva ahigima kubera iyo misa ya Rwigema azamvirukana agataha. Nkuko mubyibonera Mukabacondo ni urumamfu mu ngano. Inama twamugira ni iyo gukuramo iriya kanzu y'umweru n'ivara (voile), ha nyuma akambara Jupe-Culotte n'ingofero ya FPR ahasigaye aka-ja gutega indege mu Biryogo. Nu-bwo atangiye kumera imvi bwose, turakeka ko atabura abakunzi kuko abensi bajya baza kumugana ba-shituwe no kumva uko ubutamu bw'umubikira bumeze cyane cyane iyo bibesha ko akiri isugi.



ABASIRIKARE BIRUKANWE KUBERA IYI NTAMBARA NABO NIBASUBIZWE KU KAZI KABO (MU NGABO)

Nkuko yari yabitumwe n'inkotanyi ziba i Burayi, umugabo Kata-barwa André akaba Minisitiri wa Transport no gutumanaho aherutse kukameza mu nama ya Guverinoma, aho yavugyiye imbere ya bagenzi be ati: "nimudasubiza mu myanya yabo bene wacu b'abatutsi birukanwe ku kazi kubera gufungwa mu kwezi kwa cumi, ndegura maze ni-sangire Kagame na Kanyarengwe nsimbure Pasteur Bizimungu dore ko imirimo twamushinze iriho ige-nda imunanira".

Ubwo abari mu nama bararebanye baravuga batu, uyu mwana w'umu-tutsi reka tumuhe ibyo asaba wenda yazadufasha kurangiza iyi ntambara. Minisitiri w'abakozi agize ngo

arabaza uko iceyo cyemezo kizashyirwa mu bikorwa dore ko ahen-shi abirukanwe bahise basimbura kugira ngo akazi kadahagarara, Uwayoboraga inama aramubwira ati icyangombwa ni uko abatutsi basubizwa ku kazi nahohibindi ntibindeba. Minisitiri w'imari agize ngo arabaza aho amafaranga yo guhemba abo batutsi bari barirukanwe azava kandi atarigeze ateganywa ku ngengo y'imari y'uyu mwaka, Uwayoboraga inama ati icyangombwa ni uko ugushaka kw'abatutsi gukorwa nahohamafaranga nushaka uzarebe iyo uyiba. Nguko uko icyemezo cyo gusubiza ku kazi abatutsi batugambaniye mu kwezi kwa cumi 1990 cyafashwe.

Minisitiri w'ingabo agize ngo arabaza niba abasirikare bose (kuva kuri soldat kugeza kuri officier) bi-rukanwe kubera iyi ntambara, ndetse n'abandi bose bafunzwe ari-ko ntibashyikirizwe inkiko (ndavu-ga ba Coionel Ndibwami, Colonel Nkuriyekubona na Major Havu-gintore) bazasubizwa ku kazi kaboka gisirikari, Uwayoboraga inama ati iceyo cyemezo ntikireba abasirikare. Kuki se ? Twe ntitubona i-mpamvu kuko nibadasubizwa ku kazi kaboka gisirikare igithe abatu-ts'i bari kugasubiraho, twebwe tuza-byita ivangura. Bityo bamwe bavu-ga'ko Habyarimana hari ibanga afi-tanye n'abatutsi babe bamubonye urwaho.

MURARAMO MURI POLITIKI Y'U RWANDA.

Umukambwe Semusambi Feli-siyan yigeze kwandika ko muri Politiki y'u Rwanda harimo umuraramo tuti ni aya Semusambi ushaka gushotora ubutegetsi. Ibyo uwo musaza yavuze rero bimwe biri kugenda byigaragaza. Minisitiri Casimir Bizimungu twari tuziho ubushishozi ubu nawe yafashwe mu ncundura (files) z'abatutsi. Nyuma y'aho atangarije i Burundi ko ikinyamakuru Kangura gikorera i-

nkotanyi, akavayo asezeranje Buyoya ko u Rwanda rugiye gufunga umuyobozi wacyo ngo kuko gitinyuka kuvuga ko abahutu b'i Burundi bakandamizwa n'abatutsi; uwo muminisitiri mu mishyikirano aherutse kugirana na mugenzi we wo munsi y'ivi, ngo yaba na none yaramusezeranyije ko agiye gufunga KANGURA ngo ntizongere kwandika ku Burundi.

Nkoko mubibona rero niba atari

ibuswa muri politike, Minisitiri Bi-zimungu arimo aragambanira abahutu ataretse urwamubyaye. Kubona rwose atinyuka agaha u Burundi abanyarwanda bari bahu-ningiye urupfu muri ambassade yacu i Bujumbura birababaje: Mu Burundi, abanyarwanda bari bahu-ningiye urupfu muri ambassade yacu i Bujumbura, kubatanga birerekana ko uwo muminisitiri ataramenya gutandukanya umwanzi n'umukunzi w'u Rwanda.

UBUGOME N'UBUSHOTORANYI BW'ABATUTSI BO MURI P.L.

Ngirango ntibikiri ibanga, abatutsi barashaka kurimbura abahutu, bishishe inyuma y'ishyaka ryabo P.L. Nkoko twashoboye kubincka kandi tukabyumvana abasore babi-ri bakorera muri MINAGRI bako-meye muri P.L., abatutsi bo muri P.L. bakoze inama bemeza ko igihe ey'imyigaragambyo yabo bazajya bakora uko bashoboye bakihimura ku bahutu ngo kuko aribo babafungishije mu kwezi kwa cumi 1990.

Niyo mpamvu rero nkoko mwabyiboneye amamodoka yose yamenwe ibrahuri mu myigaragambyo ari ay'abahutu. Kugeza ubu kandi abantu bakomerekejwe n'amabuye y'insore za P.L. (ziba zavuye mu Bugesera) ni abahutu.

Ariko se mu byukuri izi ndashima z'abatutsi zirashaka iki ? Mu kwakira 1990 zaje zitwaje intwaro maze zica abahutu mu Mutara, abasi-gaye zibatesha utwabo. Ubw. kandi ngo umugambi wabo wari uwo kwica umwana w'umuhutu wese cyane cyane abahungu. Aho bige-ze aha ntitwatinya kuvuga ko uwo mugambi wapfubye. Nubwo ntabapfira gushira, nagirango mburire abahutu, mbabwire ko ibyo PL iko-ra mu myigaragambyo bigaragaza bihagije umujinya abatutsi bahora bafitiye abahutu, ko kandi nta kindi bagira ku mutima uretse gushaka uko barimbura abahutu.

Ntibyumvikana na gato ukuntu abo batutsi babeshya ngo bagiye mu myigaragambyo y'amashyaka han-yuma bakiwaza ubuhiri, ibyuma,

imipanga ndetse na za grenades. Undi wundi se baba bashaka kugirira nabi uretse umuhutu ni nde ko bizwi neza ko nta mututsi watinyuka kugirira mwene wabo nabi ? None se hari aho mwigeze mubona inzoka irya indi ?

Twibukiranye rero ibyo muri 1959 bijya gutangira, abana b'abatutsi bafashe Mbonyumutwa baka-mukubita. Ejobundi nabwo abana b'abatutsi bafashe abahutu Karemera Edouard, Habimana Bonaventure na Habyarimana Jean ma-ze babagirira ibya msura mbi ngo ni imyigaragambyo ! Ariko abatutsi bibagirwa vuba koko... Nako si u-kwibagirwa ahubwo ni uko bagikomeza kwibwira ko abahutu ari ibi-cueu bitazi imigambi mibi yabo.

Abatutsi bo muri PL nibareke kubeshya ngo bafatanije na M.D.R.

- ITANGAZO -

*Mu gihe twateguraga iyi nimero twaje kumenya, tubyumvanye amakuru ya Radio-Rwanda, ko Abayobozi b'Ishyaka P.L. noneho bemeye ku mugaragaro ko bokarana na F.P.R.
Kwigaragaza kwabo kwashimishije ababishakaga. Ni nabyo byatumye Gatabazi wo muri P.S.D. yanga gu-komeza gukorana n'Inkotanyi zi-tera igihugu. Tukaba twebwe ubwacu dushima ibyo byemezo bya kigabo, abo bayobozi ba P.S.D. bafashe. Naaho bibemere bajye muri Guverinema
Rubanda benshi bifusa.
Amakuru ashushye sicyo kibazo!*

kuko kugeza ubu ibikorwa byo kwangiza ibintu no kugirira nabi abantu, byakozwe n'ingabo za PL, ahanini zari zaturutse mu ndiri yazo mu Bugesera. Guverinoma y'u Rwanda yari ikwiye rwose guhagarika mu maguru mashya ibyo biko-rrwa by'urugomo by'abatutsi bashaka gutsema abahutu. Niba rero guverinoma biyinaniye ntizatanga-zwe nuko abahutu bazakora imyigaragambyo yo kurengera ibyabo n'ababo abatutsi bashaka kumaraho. Niba abatutsi iyo byakomeye bahungira i Burundi, Uganda, Tanzaniya na Zaire, abahutu se bo bahungira he ko aho hose abatutsi aribo bakora amategeko. Ni-zeze ko natwe nidukora imyigaragambyo, ambasade z'amahanga na Amnesty International zitazahagu-ruka ngo zivuge ko abatutsi barengana kandi ntacyo zivuga ku bu-shotoranyi bwabo.

IBIDASANZWE

Ngo Minisitiri Bizimungu ntgisinzira kubera ba bantu baen ahanini lugizwe w'Abayobozi. Igiye imfungwa n'Abatutsi batogeka i Burundi.

Ubuhaha Minisitiri ashobora kuzaduhishurira impamvu abarundi bagikomeza gushoora abahutu baen. Dore ko mu bitaro bya Kigali harimo abarwayi batewe ibisu n'abarundi imyitso bya Buyoya. Ubwo abarundi batangije kudute-ma Dogiteri Bizimungu Casimir akicecekera, ubwo bishishe byinshi.

NDAKEBURA ABARUNDI.

Ndakebura Abarundi bene wacu. Ndakebura abahutu kuko ntawundi azobavana mu buja bari-mo. Hose abababaye, abakanda-mijwe nibo biyigira ibibazo vyabo, bakabirondera umuti.

Nta muzungu, nta mu nyamahanga, nta mututsi uzorangiza iki-bazo c'abahutu b'i Burundi bene co batagihagurukiye. Uwundi wese yumva ico kibazo azoza yunga mu ryabo. Ndakebura abo bahutu biyumvira ko ibintu bizikora ko amahanga azobabwira Leta ntutsi ati sigaho bakareka wanke ko abatutsi ubwabo bazogera aho barekura kubushake. Amakungu arahanura ntategeka ibihugu vyigenga politiki bigomba gukoresha.

Amakungu akorane cane cane na za Leta zihari. Muzirikane ko Leta ntutsi nayo irondera incuti, izifise mu bazungu, aho binaniranye ika-hagondesha amahera. Bahutu bene wacu, nimwifashe, muhagurukane n'uwonka, amakungu azobuhirira.

Abahutu bibaza ko abatutsi b'i Burundi bazorekura ku bushake intwaro, ivyubahiro n'amaronko bafise, barihenda. Barihenda kuko kuva muri 1960 kugeza ubu nta shi-rahame ry'abatutsi, nta Leta y'abatutsi, nta mututsi, nta kirizya y'abatutsi, nta n'umwe muri abo bose aravugira abahutu. Muheruka kwisomera n'ukwiyumvira ikete ry'abasenyeri katolika banditse basiga iceyi y'abahutu, ashimagiza abatutsi n'intwaro ya Buyoya. Dusubire mu vyabaye : Micombero afata ubutegetsi muri 1966, abahutu baravyinye ngo akuye ingoma ya cami ntutsi, azanye Repubulika. Ico yakoreye abahutu murakizi. Bagaza afata ubutegetsi abahutu barataritse bati tubonye uwutuvanako agisirimwe Micombero. Ntiyarenze kabiri, Bagaza yirara mu bahutu (1979) arabafunga, arabica, abima amashuri, akazi n'amasakamento. Buyoya aje, abahutu bati : «Ni uyu twari dutegereje, yamarra we yaje ari sindamusiga. Mu myaka ine amaze kwica abahutu 60.000. None bene mama, baba ba Gahutu tuzokwame turi ntambira ikije ?

Ndakebera abo bahutu bashinzwe mu ntwaro hakabona imanya myiza mu butegetsi n'akazi (ba minisitiri, ba Chef de cabinet, ba diregiteri jeneral, n'abandi). Mbega mumaze kibagirako ari uko abanya-gihugu, bamwe mwita «Banyarutoki» bahagurutse mu makomini ya Ntega na Marangara bakanka akarengane ? Amaraso yabo yarasesetse, abandi bagorewe mu buhungiro, kugira ngo mu mererwe neza. Muribagiye ko kandi umugambwe Palipehutu ariwo mukesha aho mugeze, ari wo n'ubu mukesha kuramuka. Umwaka warandutse muzorandukana nawo. Ndongeye kubakebura mwebwe abategetsi b'abahutu b'i Burundi kuko muteye isoni. Palipehutu yarahagurutse, ba Nyarucari barahaguruka, amakungu aratwunganira kugira ngo umuhutu agire agaciro, abone ijambo. Mugabo ico abo bose bari babateze-ko sico mukora. Amakungu natwe twese twari tuzi ko muzovugira bene wanyu bagowe. None mwaba mwabaye bamwe abatutsi bita Nsumirinda, Mpema yuzuye, Mpendamuke... bamwe twita mu kirundi abagabo ni ryo ?

Biraruhiye kubona Sibomana (minisitiri wa mbere) na Mayugi (umunyamabanga) mukuru wa Uprona), Kagimbi (umunyamabanga wa Leta ashinzwe umutekano); birababaje kubona Buyoya abasigira igihugu, akigira mu Bufaransa (France) ati : «Ni musigare muramara bene wanyu. Kandi niko vyangenze. Amaraso yose y'abahutu bapfuye, abamugaye n'aboganjwe biri ku gahanga kanyu. Sibomana ! Mayu ! Kagi ! None abo bapfa si abahutu bene wanyu ! Icosore hakiri kare muve ibuzimu muje ibuntu. Nta mpera y'umurozi ! Ndakebura umuhutu wese abamuto aba mukuru ashyigikiye intwaro y'agahotoro, y'ubwicanyi iri mu burundi.

Urakeka ko uwishe mwene wanyu ejo azokwibagira ? Ndakebura cane cane abo bahutu b'ibipfamutima bakorera surêté y'i Burundi bagurisha bene wabo. Ndavuga abo biritwa babundabunda inyuma y'im-

gambwe y'abahutu bayabura, bagurisha amabanga ya bene wabo muri Leta ntutsi. Ba sha ! Erega nta mpera y'umurozi. Ejo bundi abatutsi ni babona batakibakeneye namwe muzokwirikira bene wanyku kuzimu. Mugira ngo ndababe-shya. Ndakebura abatutsi b'abarundi dusangiye igihugu kuko uko babandanya kwica abahutu bongera ishavu n'inzigo mu Barundi. Mu maze imyaka 30 mwica mugabo abahutu ntibarahera mu gihugu, abahutu ntibaraceceka. Hazogera-ho aho umuhutu nawe azoba amaze guca ubwenge. None mwebwe uwo bagirira ivyo mukorera abahutu mwonezerwa ? Ntibikabe !

Ndabwira abo batutsi b'abari-my; abo batutsi bavuka mu tundi duce tw'igihugu atari Bururi na Jenda, ko nabo bakwiye gukubita agatima mpemtero bakihweza aka-gene intwaro y'abahima ibafashe. Mbega ntimirabona ko bariya bahima babakengera, babaha akazi ari uko abana b'abahima bawkiriy. Ngo ino mufashe bene wanyu kuruanya intwaro hima imaze imyaka 25 (kuva muri 1966) Erega abahima nibamara kumara abahutu ni mwe bazokwadukira. Ntimwibuka ko igithe ca Ntega, Marangara, Buyoya yafashe Kajugujugu (hélicoptère) akayimarisha abahutu n'abatutsi bo muri Ntega. Vyabaze namwe !

Ndakebura abatwa batariyumvamo ko ari abarundi kimwe n'abandi. Turazi ko mwarenganye kurusha n'abahutu. Va hasi egira abahutu murwanye intwaro ntutsi y'ubwicanyi. Palipehutu irashaka namwe kubabohoza. Ndabakebura mwese Barundi (abahutu, abatutsi, abatwa) ko nta yindi nzira iruta iya Palipehutu.

Mwese mugane Palipehutu ni wo mugambwe uzovana vy'ukuri akarengane k'amoko k'uturere n'agaszuguro k'abategetsi. Ni wo wonyine witwararitse inyungu z'abo barundi baba ku mutumba, za «bantahonikora», z'abrimyi, z'aborozzi n'abanyamyuga.

PALIPEHUTU Terimbere !
Umusomyi wa Kangura
Hicuburundi Wilfrid
Bujumbura - Burundi.

KUBANGUKIRWA NO GUSENYA KURUSHA KWUBAKA.

Ndakeka ko abanyarwanda babonye aho batera umupira w'amaguru ari benshi cyane. Cyane cyane ya marushanwa bakunze ku-vugako adasanzwe. Mwumvise ukuntu abareberezi bafite urukundo rukabije rw'amakipe anyuranye bagira batya bagashotorana, bagatukana, kera kabaye bakajya mu mitsi. Icyo ni kimwe. Ikindi cya kabiri ari nacyo gitangaje, ni igithe abareberezi baba batangiye gutuka abakinnyi. Ugasanga n'umuntu utazi aho gutera umupira byerekera arihanukiriye ngo kanaka uriya ni umuswa, uwo atera nawe yawutera. Akamwijundika kakahava. Mbese acishije make wamubwira uti : «Nkundira nkubaze ikibazo kimwe». Ari ugusenya no kubaka,

igikomeye ni ikihe ? Tuve muri si-poro tunyarukire muri politiki uru Rwanda rurimo. Hari abantu usa-naga bameze nk'aho bogeza umupira w'amaguru.

Ngo kanaka biramunaniye niyegure. Naveho natwe dutegeke. Nyamara ugasanga mu mateka y'uwo unenga atararanze koko n'ubutwari. Kereka niba ubutwari bw'abanyarwanda busigaye ari uguhuragura amagambo cyangwa kuyavuga uko aje. Usibye kwigira inkundarubyino, abanyapolitiki bacu b'ibyaduka bazi neza ko guse-nya byoroha kurusha kubaka. Ibyo byose bizatanga iki ? Uko mbikeka ntibizasiga ubusa. Dore umunyarwanda yaranzwe cyane no kwumvira. Kandi uwumvira ntajya

munsi. Ahubwo ategana n'uwo yumvira, atari ukugira ngo amusu-zugure, ahubwo kugira ngo abashe gutega amatwi ibyo abwirwa. Noneho igithe cyo gushyira mu bwenge. None ko abanyarwanda bahawe uburenganzira bwo kumva no gukorra politiki mu mashyaka atandukanye, aho hamwe nibagundira, ahan-di bakabibona ukundi mu bihugu ntibizaba ibindi bindi ! Nyamara umwe akoze icyo yumva ashoboye kandi azi neza, buri munyarwanda yasanga ko mu bintu bibaho bimukomereye kandi agomba guha igi-hugu cye akunda, ari ugutuma uru Rwanda rushobora kuba icyo rugomba kuba rwo. Naho ubundi karabahagararanye.

NYABYENDA Issa.

ABAHUTU B'IGITARAMA BANZE GUKORANA IMYI-GARAGAMBYO N'ABATUTSI BO MURI P.L.

Abanyarwanda bose baziko muri komine Nyamabuye ari nayo Kayibanda Grégoire yavukiyemo hari abahutu badacira abatutsi n'akari urutega. Ibi abahutu baki-kora kubera ko bari mu bantu bazi neza akarengane gakururwa n'i-ngoyi y'ingoma ya gihake. Ndetse muzi ko umurwanashyaka Kayibanda Grégoire wagiriye abahutu benshi akamaro igithe yategekaga u Rwanda hari bene wabo bamutotzaga ngo aratonesha abakiga. Kayibanda we yarabashubije ngo ari abakiga ari abanyenduga bose ni abanyarwanda, ndetse yongeraho ko icvo akundira abakiga ni uko dashobora kwhanganira ko abatutsi Kayibanda yakuye ku ngoma bagaruka guhaka bene gahutu.

Bariya baturanyi ba Kayibanda mu myigaragambyo bakoze le 7/1/1992 bongeye kwerekana ko dashyigikiye inyoko-ntutsi. Kuko muri iriya myigaragambyo abayobo ke ba M.D.R. bahaye akato abayobo ke ba P.L.

Dore ko muri iyo myigaragambyo abatutsi batangiye barebera ibyo abahutu bakora. Niko se mwa abahutu mwe b'i Gitarama, uretse abayobo ke ba M.D.R. ubu bashaka gutatira intego Kayibanda yasigiye ishyaka rye, mwe koko murabona

M.D.R. ikwiye gukomeza gufanya na P.L. Ese mushyize mu gaciyo muri iriya myigaragambyo hari icyo abatutsi bakoze mwari munaniwe kwikorera?

Ntimwibuka se ko igithe mwabyinaga mukanafunga n'umuhandwa abatigaye ubuke bo muri P.L. bo bokoraga agatsiko kabo bonyine bakirimbira imibabaro yabahima n'abagogwe gusa ngaho abagogwe n'abahima aribo batuye u Rwanda bonyine ! Ubwo se muri iriya myigaragambyo ntabwo mwahonye ko abatutsi bo muri P.L. bageraga aho bagahagarara basa n'aba baseka ngo nimukomeze mutuke bene wanyu ! Ngaho abo batutsi bababwiye ngo abahutu ni murwane kugira ngo tубone icyuho cyadufasha gufata ubutegetsi ! Oya nitireke kuba ibikoresho by'abatutsi.

Ese ubundi ko iyo revolisiyo yo muri 1959 yatangiriye aho iwanyu, hari umututsi wigeze wishimira ubutegetsi bw'abahutu kandi muzi neza ko Repubulika zombi zabashyize igorora ! None se ntimubona ko igithe cyose umututsi azashaka gufatanya n'umuhutu muri Politiki, umututsi azaba yishakira amayere yo kwambura umuhutu ubutegetsi ? Ubwo se hari ukuri gusumba igisubizo Gitera H.J. ya-

haye Perezida Habyarimana igithe yamubazaga ngo ni iki gishobora kwunga abahutu n'abatutsi ?

Gitera yavuze ko icyo abatutsi bashaka ku bahutu ni ubutegetsi gusa. Niba rero abatutsi badashobora kwemera gutegekwa n'abahutu, kunga abahutu n'abatutsi ni ukwaka abahutu ubutegetsi ukabuha abatutsi. None se bariya bafatanya na P.L. itareméra revolisiyo yo muri 1959 nkuko ISIBO n°7 ibitwereka ubwo koko murabona badashaka guha abatutsi ubutegetsi ?

Ubwo se abatutsi bazumva ryari ko umubare wabo muto udashobora gutuma abaturage babatorera kuyobora uru Rwanda. Rwo abatutsi niumve ko ubugome bagi-riye abahutu mu gihe cy'ingoma ya gihake ndetse na n'ubu bacyifuza kugarura, budashobora gutuma abaturage babagirira icyizere cyo kubaha ubutegetsi.

Abahutu rero duhereye ku bubi bw'iyi ntambara ni ingaruka nyinshi zayo mbi, twagombye gushyira hamwe kugira ngo dutsinde gatutsi burundu dukurikije urugero rwa Nyakubawa Geregori Kayibanda. Bityo tukabona uko twibaka u Rwanda mu mahoro azira umwiryanne. Rubera Papias.

UBUMWE BW'UBUTATU BUTAGATIFU NTIBUBEREYE ISI.

Nyagasanu umbabarire
 Ngutire ishusho
 Si ukuguhangara
 Byo kagwa rwantambi
 Ndagira ngo mbwire
 Bene muntu banze kumva
 N'ibiru amambu banze no kubona
 Uko umugani ubiganura
 Dore iyo ngiye ishyanga
 Nkagaruka mu nzu
 Mpasanga ubumwe busobanuye
 isura
 Ubwo bumwe dutinya cyane
 Ubwo bumwe twanga ku buryo
 bwose

Busura umuhoro utigondoye
 Ntibusura amahoro
 Busesa amaraso
 Ntibusesa amasaro
 Bwahuzwe isuka n'umuhoro
 Bwisunga ingango n'intagara
 Bwanze kwigira muntu
 Butoranya nyababyeyi
 Ngo busumbanye ivuko
 Bwanga gufata imbazo
 Bwitarura nyamwinshi
 Nka kera mu ntebe y'amahame
 Ya yindi ya ngoma ingazi
 Abanyamurunda bazi
 Itaracanwa

Ubumwe bwanga ikizingo cy'ama-hwa
 Bwizingira kuri aritari
 Ubumwe bwanga icyuya cy'umusaraba
 Bubiketera mu isakirisitiya
 Buhungira rubanda iyo mu bikari
 Ubwo bumwe
 Bwa "Twari dupfuye"
 Uzabushyigikira
 Uwariwe wese
 Ahariho hose
 Azabe yanze Imana.

Docteur BEN DEDALE François
B.P. 422 GISENYI.

IZINA NIRYO MUNTU, KANDI UMUTINDI AROTA ICYO ABABAYE.

Umugabo mwumva ngo ni Senzoga Gasipari, akaba ari umunyamakuru wa Radiyo Rwanda mu karere ka Gitarama, yagufatiye urugendo yerekeza iyo i Nyabikenke ahari urwunge rw'amashuri APS. Akaba yari yazinduwe no kureba impamvu z'urugendo rwakorwaga n'abanyeshuri baho.

Turebye kandi twumvishije amagambo yabo banyeshuri, bamanaganira kure Diregiteri, bavuga ko batamushaka. Niyo yari inyikirizo ya animasiyo n'indirimbo byabo ngo : "Kabandana", bose: "Ntitumushaka (3), ni atavaho ntitwiga".

Kuza kwa Senzoga, kwashimishije cyane abo banyeshuri, kuko bizeraga ko azabivuga ntaho abogamiye, gutyo ababyeyi bakumva ibi-bazo by'abana babo.

Nkoko abo banyeshuri batari mu kigo, aho kugenda abagana aho bari bicaye mu mutuzo nko mu metero magana atanu, uvuye kuri Centre ya REMERA, yanyuze kwa Diregiteri, banagirana imishyikirano ku mpamvu z'urwo rugendo, bikaba byaranagaragaye aho yivugyiye ngo; n'ubundi sinaje ku butumire bwanayu". Mu gushyikirana n'abanyeshuri, yibanda cyane kumva aho kwandika ingingo z'ingenzi mu kababaro kabo, anabemerera ko byose azabivugana ukuri kuko byari bifite gihamya (umugabo).

vugiraga ko mu bibazo byose bahura nabyo nta na kimwe yigeze ake-mura.

ntabwo acunga imyigishirize y'abrimu, gutyo hakabamo abarimu batigisha neza nk'uko byatetegerezwa kumera. ateza umwuka mubi hagati y'abrimu n'abanyeshuri. yirukanisha abana benshi ku buryo budasobanutse.

Ibyo ni bimwe mu bisobanuro batenze mu byateje amakimbiran e hagati y'ubuyobozi bw'ishuri n'abanyeshuri kuva ku itariki ya 28.11.1991.

Igitangaza ni uko uwo Senzoga Gasipari yagiye kubonana n'abo banyeshuri muri ayo makimbiran e, bakabimugezaho uko biri ariko akabitangaza uko bitari. Ku bwe, yemeza ko ari abanyeshuri b'i Nyagatare banyoye, barasinda kubera amafaranga bari bahawe kuko bataye ibyabo mu Mutara mu mwaka ushize. Ngo basanze Nyabikene itubatse nk'aho bahoze i Nyagatare None se, hari uwo yaba yarasanz mu kabare cyangwa se ngo amusangane icupa aho bari bicaye ? Mbese ubundi abakuru b'abo banyeshuri hari abo bafatiye mu kabare kuva bamaze kubona ayo mafaranga ?

Abo bana b'i Nyagatare, ko nta bibazo byabo byarimo, baba aribo babiteje gute ? Ibirego byose ni ibyabaye mbere y'uko bahagera we yageze kwa Diregiteri nk'uko ariwe wari wamutumiye, amupakira inzoga, zimugera mu gatuza, kugira ngo

aharabike bigaragara abo banye-shuri.

Usibye nk'ibyo kwikoma abana bavuye i Nyagatare ngo banze amazu mabi, bari bafite ameza i Nyagatare, ntaho bihuriye no kwanga Diregiteri, kuko icyo gihe wakwanga ayo mazu, kubera ko, kwanga Diregiteri ntibyatuma ayo mazu ahinduka meza kandi n'ubundi, icyangombwa ni ubumenyi kuko nibwo bukuranga iyo urangije, rero ntawurangwa n'inzu yizemo.

Ibyo kuvuga ngo banze ibijumba, rwose ni ikinyoma gikabije ndetse ni amatakirangoi no gushaka kwishyira heza. Umva icyo kigo ntigiteka kubera ko abana bose baba hanze (externat généralisé) kandi bakarya hanze mu mahome cyangwa mu ngo babamo. Icyo gihe rero hagombaga kwangwa ba Ekonome b'ayo mahome abagburira. Erega n'ubundi ibirego yaregwaga ni ibyabaye batarahagera. Ubu se, babibagerekaho bashingiye kuki ? Yewe, ari jye napfa kigabo. Aho ngo "umutindi arota icyo ababaye". Mbese ababyeyi be bamwita Senzoga, bari baziko azazinywa cyane ? Cyangwa se nibo bazimuterereje.

"ORINFOR we nge umukobwa aba umwe agatukisha bose" gi-ra ujye uha akazi abantu babikwiye.

Umusomyi wa Kangura
w'i Nyabikenke.

KU KINYAMAKURU KANGURA

Nishimiye iki kinyamakuru "cacu". Ndagishimiye ko kigerageza kuvugira bamwe mu bari bari mwe ijambu: abahutu n'abatwa b'i Burundi. Ariko se, ija kurisha ntihera ku nama ?

Umva lero, igitekerezo canyu co kuvuganira gahutu w'i Burundi yaba uwangajwe canke uwuri imbere mu gihugu ntako gisa. Ariko lero, nkoko nabivuze haruguru aha, mbere y'uko uvuganira bariya bari i Burundi, banza uvuganire abari iruhande yawe. Ejobundi ababohe-we i MUHERO bagomvye kwigaramvya: wabanditse ho iki ? Wari-ceckeeye canke ntiwari wavuka... Impunzi z'abarundi ziri mu Rwanda watubwira uko zifashwe ? Uko zafashwe mu myaka 18 ishize ? Reba ikibazo abana b'abanyeshule b'izo mpunzi bagira mu kubona amashulle. Utu ivyo bireba HCR. Turabizi: iyo miryango impuzamanga ntimu-

zatushe ntiza itera indirimbo itari iyo igihugu ikoreramwo iteye...

Ubu se twakwizera ko impunzi ziri kuza ubu zizofatwa neza noneho ? Kandi ibihe vyarahindutse, amikoro y'ighugu asigaye ntayo ? Ikindi ugomba kumenya n'uko abarundi bahanze n'abo ari abarundi kandi ari abahutu kimwe n'abasigaye yo niba noneho hari abagisigaye. Nta kundu utarenganura abo muri kumwe noneho ngo uvuge ngo ugiye "kubohoza" abari iyo kirwa. Kere-tse hari izindi nyungu wikkirikira-nira witwaje abo bahutu bandi.

Ikindi: mbere yo kutuvuganira ahanti tangurira hano iwanyu. Ugende muri MINI-PRISSEC utu-barize impamvu yakwiha gukore-sha amategeko yihariye avuga ko ngo "abarundi (b'impunzi) batagomba kuzamuka mu nteria/amafa-ranga y'umushahara". Uzanatuba-rite niba noneho itica amategeko

mpuzamahanga avuga ko vyere-keye akazi impunzi igomba gufatwa kimwe n'abanyagihugu. Niba yica amategeko itabizi, yimpugurire. Niba iyica iyazi, yimbarize impamvu... Hanyuma utangure utubo-hoze aho ngaho kuko naohatwica kimwe n'abatwica i Burundi uko na bo umugambi wabo n'uko tutoza-muka...

Ngira ngo navuze menshi, ariko buriya nagerageje kuyagabanya kuko ubundi hari ibantu vyinshi bidutangaza twe abahutu b'i Burundi twahungiye mu Rwanda. Nizeye ko iyi nyandiko uzigora ukayitangaza. Kandi n'utabikora nzohita menya impamvu, nshake ahanti ndayirungika.

Mbaye ndagushimira ariko.

Umusomyi wanyu
Barayandema Jean Pascal
Kibuye.

ABATUTSI NTABWO BEREJE UBUTEGETSI BUSHI-NGIYE KU MASHYAKA MENSHI.

Za mburagasani z'inyenzi-ntok-tanyi-ntutsi zitera zaje zihomvoma-via zibesha amahanga ngo zizan-nye demokarasi nkaho zari zarayi-bikije muri Uganda ahari indiri ya-zo. Kwari ukurimanganya kuko kuber-uba-ke bwabo mu gihugu abatutsi badashobora na rimwe kwishi-mira ko demokarasi n'amashyaka menshi byahingutswa iwabo. Nko inu minsi yashize ngo Perezida w'umututsi Buyoya yaba yaremeye ko mu Burundi hashobora kuzavu-ka andi mashyaka atari UPRONA. Abazabikurikiranira hafi hazasa-nega nyamara amapariti azemerwa gukora ari UPRONA 1, UPRONA 2, UPRONA 3... UPRONA n. Bizaba rero hahandi kuko abahutu bazaguma ku kabu ko gukandami-zwa biherekejwe n'isasu rya buri munsi. Icyakora ubanza umututsi wese ariko yabigenza; none se yak-wemera koko gutegekwa n'abaki-buka ibyobo ba se na ba sekuru, ba nyina na ba nyirakuru, bakuru na bashiki babo bahambwemo n'ubu kandi bagitikirizwamo bazira gusa ko bavutse ari abahutu ?

Nanjye nabanza nkibaza gato mbe-re yo kubashumurira ubutegetsi. Cyereka wenda nibura wa mugambi wa Simbananiye wo kwica ku buryo abahutu basigara aribo bake waba waramaze gushyirwa mu bikorwa. Kuko nubwo ari ntako abategetsi n'abasirikari b'abatutsi gusa batagize ngo bahanagurishe uruso-ro ubwoko bw'abahutu mu mateka y'isi abahutu barangga bakaba benshi.

Mu Rwanda naoh ntabwo abatutsi bakiriye neza ishyirwaho ry'amashyaka menshi. Mbese bari baramenyereye kwihererana ishyaka rimwe ryaba MDR-PARME-HUTU, ryaba MRND bakarisese-ramo, bakigarurira abambari baryo, bakarikoresha amarorerwa yose abangamiye inyungu z'abahutu; n'ugize ngo arabibona ntagire uru-buga abyerekiramo. None ubu uwashaka gushinga ishyaka rigara-gaza ububi bw'abo bicanyi n'aba-beshyi byashoboka. Simpamya ko amakangato akubiye mu itegeko ri-genga amashyaka rya ba Karemra

n'abandi birirwaga bahombya Leta ngo barakusanya yaryimira. Kuko kubuza ishyaka gushingira ku matwara arinogeye ntacyo bivuze na gato kuko n'ubundi iyo ribishatse ribikora mu cyayenge. Ubu se hari aho UPRONA yanditse mu mahame-remezo yayo ko umuhutu nta mwanya afite mu Burundi, ariko se biyibuza kumusibira amayira mu nzego zose za politiki, z'ubutegetsi n'iza gisirikare, maze ikikuza kumurimbura n'iyonka. Rero bamwe basigaye bikanga ko abatutsi ubwo bihereranaga ishyaka ri-mwe bakarigira iryabo noneho bizarushaho kuba umwaku kuko baza-shobora no gucengera muri menshi maze umuhutu nyamuhutu -kuko akirihonana none akabura aho ahume-kera. Nk'ubu abantu benshi banenga ubufatanye butaziguye amashyaka MDR, PSD na PSR afitan-ye na PL y'abatutsi b'inkotanyi maze na MRND yarita mu gutwi ikabishyiramo umunyu iti ba bantu bakorana n'umwanzi. Kandi koko urebye ukuntu ayo mashyaka yagombye kuvugira ga-

hutu nko mu bihe bya Revolisiyo y'1959 yaganza na Mugenzi na Lando maze nayo akaryoherwa ntibwura kuvuga ko ashobora guta umurongo niba abarwanashyaka bayo batabigaruriye hafi. Gusa ntawé bigomba gukanga cyane; iyo bikomeye abahutu bo mu Rwanda bamenye kwiyunga nubwo baba batavuga rumwe mu bya politiki isanzwe. Ni nayo mpamvu jye ntagira umuntu inama yo kuva mu ishyaka yahisemo mbere kubera ko yumvaga ahuje naryo amatwara n'ibitekrezo- ngo ni uko rrimo kanaka uridobya ahubwo uwo kidobya niwe uba ukwiriye kwigizwayo atarari-tembagaza.

Tugiterwa umututsi wari wijsse inkotanyi yageze mu Mutara aririmba MRND yambaye n'igitenge cya Habyarimana ayobya amarari kugira ngo abone inzira. Ubwo abasirikare n'abaturage baba bamuteye imboni basanga ari ya mayere ye yo kugira ngo azagere i Kigali maze ahifatire nta nkomyi; nibwo bamushushubikanye, utahasize agatwe arorongotanira iya Uganda

aho yari asanzwe yihisha. Hakurya y'inianja ndelse no muri Afurika ho yari yaramaze kuhakora yarangije. Yihatiraga kwandagaza MRND na Perezida wayo kugira ngo abatabizi bumve ko intambara yashoje iri mu kuri. Nubwo rero yari yaramukamiye ku buryo bwose ntawbo umututsi yari kuvuga neza MRND kuko bari kumuseka bibaza impamvu noneho aje arwana inkundura. Ubundi MRND ubwayo cyangwa Habyarimana ubwe sibo inkotanyi zashakaga gukuraho, ieyo zigamije mbere na mbere ni ukwica icyitwa umuhutu iyo kiva kikagera zimaze guhirikisha kalacini-kovu ubutegetsi bwe buriho.

Amashyaka menshi ubwo nayo aba arasesekaye, umututsi agiye kumva yumva ngo MDR ya Kayibanda yongeye kubyutsa umutwe; birumvikana rero ko atabuze kwikanga abonye ishyaka ry'inzigo rigarutse kandi ryitabiriwe bishagije. Yariherereye aribaza asanga nubwo yashyiraho ishyaka rye bidahagije kugira ngo azagere ku butegetsi; ahera ubwo rero ashaka kwisunga

n'amapariti atavuga rumwe na MRND; iyi yo bisa naho byari byaracanye umubano kuva intambara yarota. Nk'eo bundi muri Butaro naho umututsi yahagabye ibitero yitwikirije MDR na PL; nta rukundo rundi nyamara yari afitiye nka MDR ahubwo kwari ugushaka ko abahutu basubiranamo bitana ba mwana ku kibazo ey'intambara.

Ayo mashyaka yandi nayo ati inyongera mbi ni imisuha, wenda hari agakungu PL yadutera mu gukuraho Habyarimana na MRND ye. Ieyakora hari n'abibwira ko yabafasha guhagarika intambara turimo yashojwe kandi igakomeza gushyigikirwa n'abenshi mu bayoboke bayo. Hanze aha nabo ibigambo bikisuka ngo ku kayabo k'amadolari inyenzi, Kanada, u Burundi n'ibindi bihugu n'imiryango inyuranye bigenera PL iryo shyaka rivunguri-aho dukeya bamwe mu bari ku isonga y'ubutegetsi bw'amashyaka-ashyamiranye na MRND. Ukuri kwaba guherereye he ?

Ndekezi Bonaparte
Gisuma.

KUKI ISOMO RY'I LA BAULE RITIGITIRA UBUTO?

KUKI ISOMO RY'I LA BAULE RITIGITIRA UBUTO?

Hirya no hino muri Afurika, cyane cyane mu bihugu bivuga igifaransa, abaturage barahagarutse barahagarara, banga gukomeza gucengewamo ibitekerezo biturutse mu ruhande rumwe. Ibitekerezo nk'ibyo byacengeye abayobozi benshi b'bihugu byagendeye ku ishyaka rimwe. Hafi y'iwacu dusanga ko Micombero wategekaga u Burundi yigeze kuvuga ngo: "Ninjye wishyizeho, ninjye uzivana-ho" Uwashyira mu kirundi yabona ieyo bitanga. Haruguru aha Idi Amini yarahavugije ngo ni Perezida w'u Bugande kugeza gupfa. Abandi nabo byibura barenze umwe baba baravuzeko ishyaka rigomba kuba rimwe kandi akaba ari ryo rigenga politiki ikorerwa muri ieyo gi-hugu. Mbese ni nkaho bavuze Perezida umwe muri politiki y'umuuyjo umwe utangwa n'ishyaka rimwerukumbi. Nyamara ahensi amatwa-

ra n'ibitekerezo nk'ibyo ntibagombyo igeze kirekire ngo bilihinde, koko ibihugu bivuga igifaransa byakoraniye mu nama yabereye i La Baule, Bwana MITTERRAND agatanga isomo ry'amashyaka menshi. Bidatinze, abumvise ko bazafungirwa imfashanyo, bagahita vuba na bwangu berekanako isomo baricakiye, n'ubwo ybaba binyuranye na disikuru bahavugije. Benshi bavuzeko kuba HUSSEIN HABRE wategekaga TCHAD (cadi) yaratewe coup d'état (kudeta) iga-hama kandi mu gihugu cye hari abasirikari b'babafarsa, ari uko yari afite ibitekerezo bidashyigikiye amashyaka menshi mu gihugu. Barabivuze ariko ntibigeze babyemeza.

U RWANDA RWUMVISE IRYO SOMO.

Dushyire mu gaciro, tugeranaye iby'ahandi n'iby'iwacu, dukuromo ibyo dukeneye kandi bijyanye

n'igihe tugezembo. Kwiha kubyina imbyino z'ahandi n'ubwo byashoboka, biratonda. Tutagiye kure, umuturage wo mu Marangara ya Gitarama ntibimworohera gushaburira amaguru icyarimwe ku njyanya n'intego (forme) y'ikinimba cyo mu Rukiga rwa Byumba. Igihe n'abantu ni ibantu bibiri bigomba guhabwa no kutitekerezaho kugira ngo yiyyumvishe niba agomba kwa-kira politiki y'amashyaka menshi afite koko ubunyarwanda, nta bu nyamaswa, nta buhubutsi, nta rari ry'ubutegetsi cyangwa ibisigisigi by'umutima wo guhora.

U Rwanda rwumvise iryo somo ry'i La Baule ryatanzwe mu mwaka wa 1990. Turizerako rutabigize kugira ngo u Bufaransa butazahagari-ka kudufasha. Ahubwo byakozwe kubera ko byari bimaze kuba ngombwa kandi igeze kikaba eyari kigeze. Bitabaye bityo, ni ukuvuga ko abanyarwanda bireba kurusha abandi -usibye ko twese byagombye

kutureba kimwe.- Abanyarwanda bagomba gutuma politiki ikorera mu mashyaka menshi itsinda, igashinga imizi mu gihugu, bagaragaza ubushake buke, baseta ibirenge mu kugana iyo nzira, noneho mu gihe kiri imbere tukaba tugendera kuri politiki yizwe nk'uruganda "Quinqua" rw'i Cyangugu cyangwa "Opyrwa" mu Ruhengeri.

Niba isomo ryarumviswe, ubusahinzi, gusenya ibikorwa by'amajyambere, guhora, tugomba kumva ko bitarimo. Buri wese akibaza niba ibikorwa bye byubaka aho gusenya. Kuko biratangaje kumva nk'umurwanashyaka w'imena avuga ngo afite uburyo bworoshye yarangizamo intambara ariko ntabukoreshe. Mbere na mbere uwo muntu aba abuze urukundo rw'igihugu, bityo akaba atakwitangira mu kururoha. Mbese nibigenda kuriya, inkotanyi zikagera ku rwego rwo kutabasha kuyobora agatero-shuma gashoboka, impunzi z'abasaza, kuko urubyiruko ruzaba rwarashize, ntizafata inzira y'itahuka ari Abanyarwanda nk'abandi, bikaba bishaka kuvuga ko nta mananiza babanje gushiraho? Abanyarwanda nitaramuka duteguye neza politiki y'amashyaka menshi abo bose batahuka maze tujye twirahira amatora. Kandi gutegekwa n'uwo utatoye nta gitangaza kirmo kuko n'ahandi bibayo. Nko mu bihugu byacengewe na demokarasi, Leta Zunze Ubumwe z'Amerika nizo za mbere mu kugira abantu benshi batitabira amatora. Nko mu kwiyandikishiriza gutora, ku banyamerika batatu, umwe ntabikora. Ibyo ntibibuza uwiganje mu majwi kuyobora igihugu muri Demokarasi n'ubwo yaba yarushije abandi rimwe gusa ku ijana.

Mu iyobokamana tubwirwako, intambara ikundwa cyane n'lmana ari ijambo ry'ukuri rivuzwe mu butegetsi bw'igihugu. Demokarasi re-ro ni uburyo bwo kubahiriza iyo ntambara. Bityo umuturage agahora ahanze amaso abo yahaye ngo bamuyobore, baramuka bashatse kumuyobya agahaguruka agatera hejuru, akamagana amafuti yose. Dore hambere aha hari umuyobozi w'ibitaro wabajije umueunga mutungo aho ibintu bifite agaciro gaka-

bakaba ibihumbi magana atandatu byagiye, agiye gusubiza ngo wowe ntuzi ukuntu nakoranaga n'abandi bayobozi. Reka nkwereke uko twabigenzaga. Uwo tuyobozi yaramwitegeree, aramubwira ati: "Ibyo hari aho bigikorwa muri uru Rwanda? Reka sigaho turi muri demokarasi igendera ku mashyaka menshi". Ibi birerekana ko niba uriya tuyobozi atariko asanzwe, byibura yatinye ijambo ry'ukuri rivuzwe ku buyobozi bonyereza umutungo w'ibitaro. N'ahandi bishobora kuba uko. Izo ni imbuto za politiki ishingiye ku mashyaka menshi zitangiye kwigaragaza. No mu zindi nzego bigezweho bityo abanyarwanda bakurirwa ingosero n'amahanga yose, babera urugero ibihugu bitari bike.

Muturage, muhinzi wowe wujuje ibyangombwa hyose byo kuba rubanda rugufi! Hora wibukako kuva muri Revolisiyo yo muri 59 ari wowe utanga ubutegetsi ndetse rimwe na rimwe bakavugako wabutanze kandi ari ikinyoma gitaraga. Kuva icyo gihe ntiwigeze ubonekahio gusuzugura ubutegetsi. Ariko se ko utabusuzuguye, bwo bwakubashye? Uko byagenze ni wowe ubizi, kuko uwakubaza impamu utinya abategetsi ntiyabona aho akwiza amaganya yawe akururwa ahanini n'agasuzuguro ugirirwa kimwe no guhora ubona ijwi ryawe ripfukiranwa. Ayo maganya yawe rero rubanda rugufi twiganirira, ubu ageze igihe cyo kugabanuka cyangwa kwishimangira kurushaho. Ariko byose bizaterwa nawe.

Dore cisha ijisho risesengura muri abo bategetsi bo hejuru bakyobora muri iki gihe. Benshi muri bo urasanga mu ibiryuka ryabo barisasiye ikirago bakiyorosa ikindi cyangwa na cyo ntibakibone. Ibi bikaba bishaka kuvuga ko ari abategetsi babyawe n'abakene, na rubanda rugufi n'abahinzi. Abo bategetsi mufitanye isano, wabahaye ubutegetsi bwawe ngo bakuvuganire, wasanze koko barakwitayeho? Wenda ushobora gusubiza yego cyangwa oya. Ariko uko biri kose ntibyagenze neza bihagije kuko ariyo mpamu nyakuri y'aya mashyaka mensi yabaye interaro hirya no hino mu gihugu. Niba noneho

umuhinzi yaratume umwana we, mukuru we, murumuna we, uwo bahuje ugupfa no gukira, ntamutumikire uko abishaka, abandi bazategeka u Rwanda mu gisekuru kiri imbere ko bazaba ari abana b'abategetsi n'abacuruzi bo muri iki gihe, badafite aho bahuriye na gato na rubanda rugufi, murabona hazacura iki? Abategetsi bo mu gihe kiri imbere nibabona muhora muvuga ko bahabwa amashuri kandi batarusha abanyi ubwenge! Si ibyo gusubirwamo, muzi ko ari abana b'abantu bakomeye! Aho ikibazo kizakomerera ni uko ari abategetsi bazaza bazi imigi bavukiyemo kurusha uko bazaba bazi icyaro. Nta kundi byagenda, ni uko bimeze, abo ni bo bazategeka rubanda rugufi.

Rubanda rugufi rero, byumve ubiyumvishe ubu ngubu ndetse nonaha. Abategetsi bateguriye abana babo ubutegetsi. Umwana wawe ntazomerera mu rukuta bakoze ke-reka yibye "umugono" vuba na bwangu, ngaho kanguka. Muri aya mashyaka menshi uvomemo inyigisho zizagufasha kuzahangana n'ubutegetsi bwatanzwe n'ubundi cyangwa bugatangwa n'ubukire. Ibantu nk'iybo si mu Rwanda honynine bizaba bibaye, n'ahandi bibayo. Urebye ni kamere kuko yemwe no muri bya bihugu byabonye ibitekerezo byabo bya gikominisiti bilihimanga nk'inzu ikubiswe n'umutingito, ntihigeze na rimwe haba iringaniza. Ikigomba kwitabwaho muri ubwo busumbane ni uburyo bwo kubwakira. Rubanda rugufi igomba kubwakira yanga neza neza kwitirirwa ko ariyo itanga ubutegetsi ahubwo akaba ariyo ibutanga koko mu buryo busobanutse. Aha ngaha, hazajya hasezererwa ba bategetsi bumvaho bakonze imanya n'ibyubabiro. Hazarushaho kumvikana ko nta mutegetsi w'indasimburwa ubaho kuko nta wurerekana imbuto. Kandi bataravuka u Rwanda rwarategekwaga na nyuma yabo ruzategckwa. Kuri iyi ngingo, n'ubwo rubanda rugufi itazategeka, byibura abategetsi bazayitinya, bayubahe, bayikorere ibyo ishaka.

BENE KIGELI BAZUMVA RYARI KO AFURIKA YASEZE- REYE INGOMA Y'IBINYOMA.

Abatutsi bakigera mu Rwanda bakoze uko bashoboye kugira ngo abahutu babakire mu gihugu bari basangiye n'abatwa. Igitangaza ariko ni uko umututsi bamushyize mu kirambi, agakura umuhutu mu mbere bityo yigarurira abahutu n'ibihugu byabo.

Kuva ubwo abatutsi batangira gutegekesha abahutu igitugu. Ndetse ni uko abami b'abatutsi bagendaga basimburana ku ngoma. MUTARA, KIGELI, MIBAMBEWE, YUHI umwami witwaga KIGELI wese inshingano zo kurwanya abahutu bazashaka kwigobotora igitugu cy'ingoma-ntutsi. Kuba abami biswe ba KIGELI bose aribo babaye benshi, bigaragaza ubukana n'umwete abatutsi bakoresheje mu gukandamiza abahutu. Abami b'abatutsi bose bari bafite inshingano zo kunyanyusa r- gukandamiza rubanda nyamwinshi, ariko umwami witwaga KIGELI wese akaba yaragombaga gushyiraho ukarusho mu kwica abahutu urubozo.

Muri 1959, rubanda nyamwinshi ibifashijwemo n'impuguke zashakaga kuzana ubutegetsi bushygikiwe na Demokarasi, yanze ku mugaragaro ingoma ya cyami maze ihitamo kuyoborwa muri Republik. Rubanda nyamwinshi yari ihawe ububasha bwo kwitorera abategetsi ntabwo yashoboraga guhitamo abatutsi cyane cyane ko yibukaga ubugome bwinshi bagiriye abahutu. Abatutsi banze kubaho badahatse barahunze; bafite igitekerezo cyo kugarura ingoma ya giwake mu Rwanda.

Abandi batutsi basigaye mu Rwanda kugira ngo bazajye babona uko bafasha bene wabo bahunze mu kugarura ingoma ya giwake mu Rwanda. Inyenzi ariko ntizateye kabiri kuko Nyakubahwa Kayibanda afatanije n'intwari Habyarimana iyeo gihe wari Minisitiri w'ingabo, bazi subije ku bubeshyi n'ubwo zanze kuva ku izima.

Habyarimana kuva yafata ubutegetsi yaharaniraga amahoro n'amajyambere by'abanyarwanda. Kubera ko yari aziko tutunze ubumwe nta mahoro ndetse nta n'amajyambere twageraho; Habyarimana yakoze uko ashoboye kugira ngo yunge abahutu n'abatutsi. Igihe muri animasiyo twarimbagwa ubumwe abahutu twarabwemeraga ariko abatutsi bo bakanuhema. Twatera indirimbo y'amahoro, abatutsi bo bakivugira ko bdashaka amahoro mu gihugu gitegekwa n'umuhutu.

Twatera indirimbo y'amajyambre, abatutsi bo bagaharanira amajyambere yabo gusa kugira ngo babone uko bigurira intwaro zo guhirika ubutegetsi bw'abahutu.

Abanyarwanda bo bazi gushishoza biboneye ko muri iyi ntambura ari abatutsi bashakaga kugarura ingoma ya giwake mu Rwanda. Bakimara kubona ko bakoresheje imbunda badashobora gufata ubutegetsi ubu bitwikiriye amashyaka menshi. Dore ko P.L ishyaka ry'abatutsi ariryo ryasabye ariya mashyaka kwishyira hamwe kugira ngo babone uko bahirika ubutegetsi bw'abahutu.

Nyamara uretse urusaku rw'abatutsi wagira ngo bamize agahanga k'in'yombya, kugeza ubu nta gikorwa na kimwe kizima P.L. yari yageze ku baturage uretse guteranya abahutu gusa. Ibi ndabivuga mpereye kuri ya myigaragambyo M.D.R, P.S.D., P.L., na P.S.R. yakoze yo kwanga guverinoma ya NSANZIMANA.

Duhereye ku myigaragambyo yatangiriye i Gitarama, wabona abahutu bihagije ku buryo bageze aho bagaha akato abayoboke ba P.L. Twizeye ko abayobozi ba MDR na PSD nibura bashyira mu bikorwa ugushaka kw'abaturage bagomba guhita bahigika abatutsi bo muri P.L.

I Kigali ubu yabaye ikoraniro ry'abatutsi bo mu Rwanda wasan-gaga abatutsi bose bakereye iyo myigaragambyo, kuko bibeshyaga ko bashobora kuyuririraho bagakurura imvururu bityo inyenzi-nkotanyi za P.L. zikabona icyuho cyatuma zishobora gufata ubutegetsi. Iyeo abatutsi bakoraga muri iriya myigaragambyo ni ugutegeka abahutu guterura inginga z'ibiti n'imodoka byashaka ngo bazirambike mu muhanda. Naho bo bari kwirimbira imbabaro ya bene wabo b'abatutsi. No mu yindi myigaragambyo yabaye wabonaga abahutu badakenye na busa kwifatanya n'abatutsi muri politiki cyane cyane ko bate-mera na revolisiyo yo muri 1959.

Bahutu bo mu Rwanda nimumenye ko gufatanya n'abatutsi muri Politiki ari ugushaka gusubiza abahutu ku ngoyi ya giwake. Kuko abatutsi berekanye kuva kera ko batifuriza ubutegetsi bw'abahutu gusugira. Ibi tuzabigeraho nitwamaganira kure bene KIGELI ndashaka kuvuga ko MUSEVENI, BUYOYA n'abandi baperezida bo muri Afurika bacyifuza gukandamiza rubanda nyamwinshi kandi bataratowe.

Mu gihe nari maze gushyira akadomo kanyuma kuri iyi nyandiko hasohotse ikinyamakuru cyamamazaga ba KIGELI ngo kubera ko aribo bishe abahutu benshi hanyuma bakigarurira ibihugu byabo.

Natangajwe n'uko muri bariya bami bitwa ba KIGELI kiriya kinya-makuru bibagiwe KIGELI Nda-hindurwa wadutereje inyenzi none ubu akaba yaradushumurije inkotanyi ngo kugira ngo abone uko yigarurira ubutegetsi bw'abahutu mu Rwanda. Nyamara bene KIGELI bagombye kumenya ko abahutu batazabemerera gusubira ku ngoma y'ingoyi ya cyami.

Rubera Papias.

IBYITSO NONEHO BYEMEREWE GUKORA KU MUGARAGARO U RWANDA RURAGANA HE ?

U Rwanda ruracyafite ibyago. Hashize umwaka urenga ruri mu ntambara rwaroshywemo n'Inyenzi-nkotanyi. Iyo yo twari tumaze kuyimenyera. Kugeza ubu abanyarwanda n'ingabo z'igihugu bari barayitwayemo neza kuko basho boye gukumira umwanzi akaba yari amaze gucika intege asigaye yiya hura. Ariko icyemezo guverinoma y'inzibacyuho iherutse gefata vuba aha cyo giteye inkeke !

Guverinoma yarihanukiriye iti: "Abavanywe ku kazi kubera intambara bagomba kugasubira ho". Kandi ngo "abakoresha basabwe kwihutira kubahiriza icyo cyemezo". Ni akumiro ! Ibi byateye rubanda nyamwinshi kwibaza. Twigeze kuvuga ko rubanda nyamwinshi imaze kurakara ! Erega ni mu gihe kuko ikomeje gusuzugurwa. Namwe nimutubwire. Ibyitso byakoranye n'umwanzi, bigambanira igihugu. Kubera ubumwe bw'aba-

nyarwanda, biravumburwa bira fungwa.

Ntihashize igithe amahanga (yaguzwe) arasakuza ngo u Rwanda ntirwubahiriza ikiremwamuntu nako mututsi.

U Rwanda rurihangana rufungura ibyo byitso bikomeza kwigragambya, bishinga amashyaka, ibinyamakuru ... maze umututsi arateta karahava. Abyina ku mu byimba ingabo z'igihugu zaguye ku rugamba, izakomeretse, imbaga nyinshi y'abanyarwanda yahitanewe n'umwanzi cyangwa yavanewe mu byayo n'intambara. Aho gutekereza mbere na mbere abo bo se, guverinoma y'inzibacyuho ikiyishishikaje ni ibyitso.

Harya baravuze ngo guverinoma ya Sylvestre Nzanzimana igizwe n'amashyaka abiri, MRND na PDC. Ni ukwongeraho na FPR. Ifitemo abaminisiti da ! Bacye se ?

Ese ubundi ibyitso bisubira ku kazi intambara yararangiye ? Byigeze bisaba imbabazi z'ibyo byakozze kandi bigikora ? Ibyitso nibisubire ku kazi abandi bakozi babure amafaranga yo guhembwa. Nibisubire ku kazi amafaranga bizajya bihembwa biyoherereze inkotanyi imbunda, amasasu, bigurwe, intambara isubire ibubisi.

Twari twaramenyereye za kalashnikovu, za katiyusha, umunsi haje indege z'intambara nka za "Mig" ntibizatungure.

Abakunda u Rwanda, abibuka ingabo z'igihugu ziri ku rugamba, abaturage bahunze cyangwa se bapfuye kubera intambara bari bakiye guhaguruka bagahagarika kiriya cyemezo nticyubahirizwe. Cyubahirijwe umwanzi azaba atsinze adusubize mu buka kubera uburangare bw'abahutu.

H.J.

PUBLICITÉ

Ubwanditsi bwa KANGURA buramamaza Ishyaka P.D.R. (Parti Démocratique pour la Révolution).

Tumaze kubona ko rubanda nyamwinshi ikeneye ishyaka ryayo riyigeza kuri Demokarasi nyayo, rikayitoza kwivugira no kuvugira abadasite aho bavugira, dusabye abanyarwanda bose mu madini yose, kuyoboka P.D.R. Iryo shyaka ritangiranye abayoboke benshi mu Rwanda, cyane cyane abashyigikiye ibitekerezo bya Dr. KAYIBANDA Grégoire, byo kurengera inyungu za rubanda nyamwinshi, n'ibitekerezo bya HABYARIMANA, we ushyigikiye amahoro n'amajyambere.

Abashaka kuba mu buyobozi bw'iryo shyaka, n'abifusa ibisobanuro ku buryo burambuye, nimubaze GISENYI INFORMATION B.P. 19 GISENYI, cyangwa B.P. 1312 KIGALI. Amahameremezo iryo shyaka rizagenderaho ubu arimo arategurwa n'akanama kabizobereyemo.

Umuco wo kugaya si uw'abanyarwanda. Muzi neza ko hari abashimishwa no kuvuga ko Leta zombi ntacyo zakoze, yaba iya HABYARIMANA yaba n'iya KAYIBANDA. Twebwe icy'ingenzi ni ugushima ibyakozwe n'abategetsi b'u Rwanda kuva twipakurura ingoma ya gihake tukarebera hamwe ukuntu ibyiza byakozwe byakongerwa.

Abazagana iryo shyaka rero muzaze muzi ko tudashinzwe gusebanya no kuba bantamunoza. Muze twunganire abatubanjiriye muri Politiki, n'abarangije akazi k'ubusirkare. Ngiryo ishyaka ryanyu, ababuze kivugira nababwira iki !

KUBERA KO BIMAZE KUGARAGARA KO ABATUTSI BO MU BUGANDA — RWANDA — ZAYIRE NO MU BURUNDI BIFUZA KUDUTEGEKA BABINYUJIJE MURI CORRIDOR-HIMA, HAGOMBA ABAHUTU BENSHE BAKWIBUMBIRA MURI P.D.R. PARMEHUTU, BYABA NGOMBWA IRYO SHYAKA RIGAKORANA NA PALIPEHUTU YO MU BURUNDI, BITYO ABAHUTU BOSE BAKABONA AHO BAVUGIRA, NTIBAKOMEZE KWICWA URUBOZO.

KA02 1597

IBINYOBWA BYA PEPSI - TEEM - MIRINDA BYENGWA NA
SOBOLIRWA NIBYO BIGEZWEHO



KUBIFUZA KURANGURA MUSOBANUZE KURI TELEFONE 8 2845

→ BITUGEREHO ←